**KAMINUZA Y'URWANDA**

**KOREJI Y'UBUREZI**

**ISHURI RY'UBUREZI**

**ISHAMI RY'INDIMI N'UBUMENYAMUNTU**

# IMBOGAMIZI MU MYIGIRE N'IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA URURIMI RW'IKINYARWANDA MU MWAKA WA GATATU W'IKICIRO CYA MBERE CY'AMASHURI ABANZA YO MU RWANDA: Urugero rw'Akarere ka Gasabo.

**Yanditswe na SEKARAMA Theogene**

**Inomero ndanga:217084311**

**IYI NYANDIKO Y'UBUSHAKASHATSI YAKOZWE MU RWEGO RWO GUHESHA NYIRAYO IMPAMYABUSHOBOZI Y'UBUZOBERE MU KINYARWANDA N'UBUREZI**

***Abayoboye ubushakashatsi*:**


**Dogiteri TWAGIRIMANA Innocent na Bwana BAYAVUGE Jules**

**Kigali, Ukwakira 2024**

**GUHAMYA**

Ngewe, **SEKARAMA Theogene,** ndahamya ko ibikubiye muri ubu bushakashatsi nshyikirije Koleji y'Uburezi ya Kaminuza y'u Rwanda ari umurimo wange bwite. Ndemeza ko ubu bushakashatsi ari umwimerere kandi bukaba butarigeze butangwa cyangwa ngo butangazwe bugamije guhesha nyirabwo impamyabushobozi iyo ari yo yose muri Kaminuza y'u Rwanda cyangwa indi kaminuza iyo ari yo yose.

**Amazina: SEKARAMA Theogene**



**Itariki: 02/10/ 2024**

# IKEMEZO 1

Ngewe **Dr TWAGIRIMANA Innocent**, ndemeza ko ubu bushakashatsi bwahawe umutwe "**Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w' ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza: Urugero rw'Amashuri yo mu Karere ka Gasabo"** nabuyoboye kandi ko natanze uburenganzira bwo kubushyira ahagaragara.

**Amazina:** Dr. TWAGIRIMANA Innocent

**Umukono:** 

Digitally signed by Innocent Twagirimana3
Date: 2024.10.02 16:30:25 +03'00'

**Itariki**:**02/10/2024**

## IKEMEZO 2

Ngewe **BAYAVUGE Jules**, ndemeza ko ubu bushakashatsi ari nge wabuyoboye kandi ko natanze uburenganzira bwo kubushyira ahagaragara.

**Amazina: Bwana BAYAVUGE Jules**

**Umukono:**



**Itariki: 02/10 /2024**

# ITURA

Imana ishobora byose,

Umugore wange,

Umwana wange,

Ababyeyi bange,

Abavandimwe bange bose,

Inshuti zange zose,

Abarimu banyigishije bose,

Abanyeshuri twiganye bose,

Iyi nyandiko ndayibatuye!

# GUSHIMIRA

Mbere na mbere turashima Imana ishobora byose yaturindiye ubuzima, ikaduha ubwenge n'uburyo tukaba tubashije kugera ku murimo nk'uyu.

Turashimira Dogiteri TWAGIRIMANA Innocent na Bwana BAYAVUGE Jules bagize uruhare ntagereranywa mu myigire yacu no kwemera kuyobora uyu murimo w'ubushakashatsi babibangikanyije n'izindi nshingano bafite.

Turashimira abayobozi n'abarimu baduhaye amakuru n'uruhare ntagereranywa bagize muri ubu bushakashatsi kuko tudashidikanya ko baduhaye amakuru yari akenewe.

Turashimira GASIMBA Francois Xavier, ku nama n'impanuro yaduhaye mu bihe bitandukanye.

Turashimira abarezi bose bagize uruhare mu kutwungura ubumenyi mu masomo atandukanye twize muri iki kiciro.

Turashimira cyane MUNYESHEMA Etienne, ku nama n'ubugororangingo mwaduhaye mu rwego rwo kunoza uyu murimo ndetse n'uruhare mwagaragaje mu myigire yacu.

Turashimira, NTEZIYAREMYE Alphonse, ku kanyabugabo mutahwemye kudutera.

Turashimira GISAZA Aimé Claude ku nama, bitekerezo byanyu, ndetse n'inyunganizi mu myigire yacu.

Turashimira abanyeshuri bose twiganye muri iki kiciro ku bufatanye n'ubwitange batugaragarije cyane cyane UWAMAHORO Esperance na MISIGARO Theogene mwarakoze cyane.

# INSHAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI

Ubu bushakashatsi bwiswe "**Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w' ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza: Urugero rw'Akarere ka Gasabo"** bwari bufite intego yo kugaragaza imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda n'uburyo bukwiye bwakwifashishwa mu kunoza imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Bwari bufite kandi intego zihariye zikurikira: (1) Kwerekana uburyo abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu w'amamashuri abanza bakoresha bigisha gusoma mu ururimi rw'Ikinyarwanda. (2) Kugaragaza imbogamizi abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu bahura na zo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. (3) Kugaragaza imbogamizi abarimu bahura nazo mu gihe k'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda. gutoranya itsida nkeshwamakuru hakoreshejwe uburyo bwa nyampamvu aho hatoranyijwe bamwe mu barimu n'abayobozi bo mu mashuri abanza. Hakusanyijwe amakuru dukoresheje uburyo bw'iganirabaza (Interview) rifunguye. Iryo bazwa ryagaragazaga uburemere bw'imbamutima z'abakeshwamakuru ku bibibazo n'ibisubizo batangaga. Ibyavuye mu bushakashatsi byerekanye ko ku bigo by'amashuri bigera kuri 50% y'ibyo twakoreuyeho ubu bushakashatsi bitagira ibitabo by'Ikinyarwanga kandi ko bihanira abanyeshuri kuvuga Ikinyarwanda. Ni mu gihe ibindi bisigaye byitwa ko bifite ibitabo by'Ikinyarwanda usanga ibitabo bidahagije aho abanyehuri mu gihe cyo gusoma bashyirwa mu matsinda. Hagaragajwe kandi ko hari itoneshandimi mu mashuri amwe n'amwe aho usanga indimi nk'Icyongereza n'Igifaransa zihabwa agaciro kurusha Ikinyarwanda. Mu gusuzuma umwanya ikoranabuhanga rihabwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko ikoranabuhanga ritarahabwa umwanya mu myigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda cyane ko nta n'imyandiko y'ikinyarwanda wabona mu buryo bw'amajwi n'amashusho. Ku kijyanye n'imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, ubu bushakashatsi bwerekanye ko harimo: ibitabo bidahagije, uruhare rw'ababyeyi, uruhare rw'abayobozi b'ibigo by'amashuri, abarimu batize ikinyarwanga n'uburyo bwo kukigisha. Abanyeshuri bajya mu mwaka wa gatatu batazi gutandukanya inyajwi n'inyuguti ndetse n'ibindi. Hashingiwe ku byatangajwe n'abakeshwamakuru, hifujwe ko hakongerwa ibitabo by'Ikinyarwanda byo gusoma cyane cyane mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Hakwiye kandi kongerwa ibyubyumba by'amasomero ku bigo by'amashuri, imyandiko yo mu bitabo by'Ikinyarwanda igashyirwa mu buryo bw'amajwi n'amashusho ikabikwa ndetse igakoreshwa hifashishijwe Ikoranabuhanga. Abarimu bigisha Ikinyarwanda mu kiciro ubu bushakashatsi bwakorewemo, bakwiye guhabwa amahugurwa ahoraho mu rwego rwo kubongerera ubumenyi n'ubushobozi.

**Amagambo fatizo:** *Imbogamizi, imisomere iboneye y'Ikinyarwanda, ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.*

# ABSTRACT

This research entitled ***"The challenges in learning and teaching of reading Kinyarwanda language in Rwandan lower primary schools year three: case of Gasabo District",*** has the purpose of pointing out the challenges that are found in learning and teaching of reading Kinyarwanda and the favorable ways that can be used in clearing reading of Kinyarwanda in lower primary three. It has also the specific aims that follow :(1) To demonstrate the methods used by lower primary three teachers during teaching to read Kinyarwanda language. (2) showing the obstacles faced by lower primary three learners during learning and of reading Kinyarwanda language. (3) To show challenges faced by lower primary three teachers during teaching to read Kinyarwanda language. In deciding the group of research participants, it has been used the purposive sampling where I opted some of the teachers and primary school leaders. I used interview as a research tool to collect data. That interview, has been showing the high altitude of interviewees about the questions as well as answers given. The findings have shown that 50% of schools where this research took place, have no Kinyarwanda books and there are punishments set for the learners in time they speak Kinyarwanda. It's in time other 50% schools which are called to have Kinyarwanda books, the books are insufficient where the learners are grouped together during reading. It has been also shown that, there are languages favoring in some schools where you find languages like English and French are given values than Kinyarwanda. The obstacles faced by Kinyarwanda teachers during teaching to read, this study has shown that there are insufficient books, parental influence, influence of school leaders, the teachers who didn't study Kinyarwanda as well as the ways it is taught, the learners who are promoted in primary three unaware of differentiating vowels and consonants and others. Referring to the findings analyzed from interviewees, they recommend the increasing of Kinyarwanda reading books especially in lower primary schools. Furthermore, the numbers of libraries in schools have to be increased, as well as changing Kinyarwanda essay to audiovisual to be kept and used by using technology. The teachers of Kinyarwanda in lower primary, should be given different training about teaching Kinyarwanda reading skills.

**Keyword:** *Obstacles, teaching and learning, Kinyarwanda reading skills in lower primary.*

# IBIRIMO


GUHAMYA ..... i

IKEMEZO 1 ..... ii

IKEMEZO 2 ..... iii

ITURA ..... iv

GUSHIMIRA ..... v

INSHAMAKE Y'UBUSHAKASHATSI ..... vi

ABSTRACT ..... vii

IBIRIMO ..... viii

IMPINE ZAKORESHEJWE MURI UBU BUSHAKASHATSI ..... xii

UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE ..... 1

1.1 Intangiriro ..... 1

1.2 Imiterere y'ikibazo ..... 3

1.3 Impamvu z'ubu bushakashatsi ..... 4

1.4 Intego z'ubushakashatsi ..... 5

1.4.1 Intego rusange ..... 5

1.4.2 Intego zihariye ..... 5

1.5 Ibibazo ubushakashatsi bugamije gusubiza ..... 5

1.5.1 Umumaro w'ubushakashatsi ..... 6

1.5.2 Umumaro ku banyeshuri ..... 6

1.5.2 Umumaro ku barimu ..... 6

1.5.3 Umumaro ku mushakashatsi ..... 6

1.5.4 Umumaro ku gihugu ..... 7

1.6 Uko umurimo uteye ........ 7
UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA N'IJORA RY'UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE MBERE ........ 8
2.1 Intangiriro ........ 8
2.2 Ibisobanuro ku nshoza zifitanye isano n'ubu bushakashatsi ........ 9
2.2.1 Imbogamizi ........ 9
2.2.2 Imbogamizi mu myigishirize y'Ikinyarwanda ........ 9
2.2.3 Imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda ........ 10
2.2.4 Uburyo bwo kwigisha gusoma mu rurimi ........ 11
2.2.5 Inyungu z'imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda ........ 12
2.3 Icyuho mu bushakashatsi bwakozwe mbere ........ 13
2.4 Uburyo bwo kuziba icyuho cyagaragaye ........ 13
2.5 Amahange ubu bushakashakitsi bwubakiyeho ........ 13
2.6 Akanzuro ........ 14
UMUTWE WA GATATU: UBURYO BWIFASHISHIJWE MU BUSHAKASHATSI ........ 15
3. 1 Intangiriro ........ 15
3.2 Imitere y'ubushakashatsi ........ 15
3.3 Imbibi z'ubushakashatsi ........ 15
3.4 Uburyo ubushakashatsi bwakozwemo ........ 16
3.4 Gutorsnya itsinda nkeshwamakuru ........ 17
3.4.1 Itsinda ngenderwaho ........ 17
3.4.2 Itsinda nkeshwamakuru ........ 18
3.4.3 Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru ........ 18
3.4.4 Ikusanyamakuru ........ 19
3.4.5 Ibibazo bihita bisubizwa binyuze mu biganiro ........ 20

3.4.6 Gusoma inyandiko zigaragaza imyigire n'imyigishirize yo gusoma ........................ 20

3.4.7 Ububonere bw'ubushakashatsi ........................................................................ 20

3.4.8 Ubwizerwe bw'ubushakashatsi ........................................................................ 21

3.5 Imyitwarire y'umushakashatsi mu ikusanyamakuru ................................................. 21

UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RY'AMAKURU YAKUSANYIJWE ........................ 23

4.1 Intangiriro ........................................................................................................ 23

4.2 UBURYO ABARIMU BIGISHA MU MWAKA WA GATATU W'AMAMASHURI ABANZA BAKORESHA BIGISHA GUSOMA MU URURIMI RW'IKINYARWANDA .. 24

4.3 IMBOGAMIZI ABANYESHURI BO MU MWAKA WA GATATU BAHURA NAZO MU GIHE K'IMYIGIRE YO GUSOMA URURIMI RW'IKINYARWANDA. .................. 26

4.3.1 Ibitabo bidahagije: ............................................................................................ 26

4.3.2 Igihe kidahagije: ............................................................................................... 27

4.3.3 Uruhare rw'ababyeyi: ...................................................................................... 28

4.3.4 Imyumvire y'abayobozi, abarimu n'ababyeyi ................................................. 30

4.3.5 Abarimu bigisha Ikinyarwanda batarakize: .................................................. 31

4.3.6 Itonesha n'ubusumbane bw'indimi mu mashuri: ............................................ 31

4.3.7 Imyimurirwe y'ababyeshuri: ............................................................................ 32

4.3.8 Ubucucike mu ishuri: ....................................................................................... 33

IMBOGAMIZI ABARIMU BAHURA NAZO MU GIHE K'IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA IKINYARWANDA ......................................................................................................... 35

4.4.1 Akinjizo ............................................................................................................ 35

4.4. 2 Amahugurwa agenerwa abarimu adahagije .................................................... 35

4.4.3 Umubare munini w'abanyeshuri ...................................................................... 36

4.4.4 Igihe kidahagije ................................................................................................ 37

4.4.5 Ibitabo bidahagije ............................................................................................ 38

4.4.6 Uruhare rw'indimi mvamahanga ..... 39
UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO ..... 41
5.1 Umwanzuro rusange ..... 41
5.2 Ibyifuzo n'inama ..... 43
5.2.1 Icyakorwa n'abarimu: ..... 43
5.2.2 Ibyakorwa n'ibigo by'amashuri: ..... 43
5.2.3 Ibyakorwa n'ababyeyi ..... 44
5.2.4 Ibyakorwa n'Ikigo gishizwe guteza imbere uburezi mu Rwanda ..... 44
5.2.5 Ibayakorwa n'Ikigo k'igihugu gishinzwe ibizamini n'ubugenzuzi bw'amashuri ..... 45
5.2.6 Ibyakorwa na Minisiteri y'Uburezi mu Rwanda ..... 45
INDANGASOKO ..... i
IMIGEREKA ..... viii

# IMPINE ZAKORESHEJWE MURI UBU BUSHAKASHATSI

**ACC –** acounting

**CAP –** Computer application

**DOS** – Director of Study

**Dr –** Doctor (Dogiteri)

**ETL –** Electronics

**GS –** Groupe Scolaire

**ICT** - Information and Communication Technology

**MAS –** Masonory

**MINEDUC –** Ministry of Education (Minisiteri y'uburezi)

**NISR** - National Institute of Statistics Rwanda

**NRP -**Natinal Reading Panel

**NST** – National Strategy for Transformation

**P.** – Page (Ipaje)

**REB –** Rwanda Besica Education Board (Ikigo gishinzwe uburezi bw'ibanze mu Rwanda)

**UNESCO –** United Educational, Scientific and Cultural Organization. (Ishami ry'umuryango w'abibumbye rishinzwe uburezi n'umuco).

# UMUTWE WA MBERE: INTANGIRIRO RUSANGE

## 1.1 Intangiriro

Ubumenyi bwo gusoma, buba bugamije gutahura amagambo yanditse, usoma agasobanukirwa n’ubutumwa bukubiye mu nyandiko runaka aba arimo gusoma. Gusoma bifasha abanyeshuri kwinjira mu nyandiko zitandukanye, gusobanukirwa ibitekerezo bihenze, no guteza imbere amagambo bakoresha. Byongera kandi urukundo rwo kwiga no gukurikirana imyigire mu gihe kirekire. Ubumenyi bwiza bwo gusoma bufitanye isano no kugira umusaruro mwiza mu masomo atandukanye (Rasinski & Padak, 2014; Cunningham & Stanovich, 1998). Gusoma kandi bifasha umusomyi kugera ku bumenyi bwanditse mu bitabo. Abanyeshuri bakiri bato bo mubihugu bya Esipanye (Espagne) na Venezuwera (Venezuela) nk’uko Elley (1992), avuga ko kumenya gusoma ari ubushobozi bwo kumenya kuvuga amagambo yanditse.

Ariko ntabwo ariko muri Norweyi (Norway), Niyuzirande (New Zeland) na Hongokonge (Hong Kong) bimeze kuko kuri bo umusomyi mwiza akwiye kuba afite ibitabo bihagije kuko uko umusomyi asoma byinshi niko yunguka amagambo menshi mashya yo muri urwo rurimi aba arimo gusomamo. Nk’uko tubikesha Kamalova (2016) aho avuga ko kubera iterambere, imyidagaduro yasimbuye uburyo bwo gusoma nyamara ashimangira ko gusoma ari umusingi w’iterambere ryamuntu kuko bimufasha gutahura no kugaragaza amarangamutima y’umwanditsi. Nk’uko bisobanurwa na Bwanamukubi (2013) gusoma ni bumwe mu bumenyi bw’ibanze umwana agomba kugira mu myaka y’amashuri ye kugirango abashe gutsinda no kunguka ubumenyi n’ubuhanga bushya mu gihe kizaza.

Hagati y’ikinyejana cya cumi n’ikenda n’icya makumyabiri, gusoma mu mashuri byahawe agaciro ndetse birimakazwa cyane cyane mu majyaruguru y’uburengerazuba bw’u Burayi no mu majyaruguru ya’America. Nk’uko Griswold (2005), abigaragaza, mu igenzura ryakozwe na (Gallup Org. 1990) hagamijwe gusuzuma igihe gusoma bitangirira, ryagaragaje ko ababyeyi basomera abana babo mu mwaka wabo wa wa mbere w’ubuzima kabone n’ubwo baba bakiri mu nda. Ni mugihe hari n’ababyeyi bategereza kuzasomera abana babo ari uko nabo bakuze yemwe bamenye no kwisomera. Mu nyigo ye yanzura asaba ababyeyi gutangira gusomera abana mu gihe bakiri mu nda. Ni ukuvuga mu gihe bakibatwite bakabasomera udukuru.

Mu Rwanda, gusoma byatagiranye no kwiga. Nk'uko tubikesha Umurage №3 (2022) mu igazeti, kwigisha gusoma Ikinyarwanda byatangiranye n'itangira ry'amashuri mu Rwanda, gusa kwigisha Ikinyarwanda, byahawe agaciro cyane mu mwaka w'1979. REB (2019), isobanura ko gusoma ari umusingi ubundi bumenyi bwose bwubakiyeho kuko bifasha umusomyi kumenya amakuru atandukanye bityo iterambere ry'igihugu rikihuta. Hari bamwe mu babyenderaho maze bakimakaza ya mvugo igira iti "Ushaka guhisha Umunyafurika, amuhisha mu bitabo" baba bashaka kumvikanisha ko iyo umuntu adasoma acikwa n'ubumenyi buharaze ndetse bubumbiye mu nyandiko runaka bikaba byamutera kubura amakuru yari akenewe kandi amufitiye umumaro. Mu mwaka w'1998, abasomyi benshi bari bamaze gusobanukirwa n'ibyiza byo gusoma. Muri icyo gihe hasomwaga imivugo, inkuru ngufi, inkurundende, inkuru shusho ndetse n'ibinyamakuru.

Mu Rwanda urimi rw'Ikinyarwanda rwarimakajwe nkuko bigaragarira mu gitero cya kabiri (2) k'indirimbo yubahiriza Igihugu, *"Umuco dusangiye uraturanga, ururimi rwacu rukaduhuza"*. Nk'uko bigaragara mu nteganyanyigisho y'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. REB (2015), nk'uko yavuguruwe mu rwego rwo kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma no kwandika ururimi rw'Ikinyarwanda.

Iyo umunyeshuri atanogeje imisomere ye y'ururimi rw'Ikinyarwanda akiri mu mashuri abanza by'umwihariko mu kiciro cya Mbere (Umwaka wa 3) bishobora kugira ingaruka ku yandi masomo cyane cyane mu gihe usoma yaba agaragaza gutegwa mu misomere ye. REB (2019) ivuga ko iyo usoma atubahirije ibipimo byagenwe ndetse ntiyubahirize utwatuzo mu misomere ye bishobora kudindiza iterambere rye dore ko gusoma ari wo musingi wubakirwaho mu kunguka ubundi bumenyi. Ntitwakwirengagiza kandi ko nk'uko gusoma no kwandika bimeze nk'agati k'inkubirane, birumvikana ko mu gihe umuntu yaba afite ikibazo mu misomere ye y'ururimi no kwandika bishobora kumugora kubera ko kenshi na kesnhi uko umuntu asoma ninako yandika.

Mu mwaka wa 2015 urwego rw'igihugu rushinzwe guteza imbere uburezi bw'ibanze mu rwanda (REB) mu ntego zigamijwe kugerwaho mu myigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda, cyashimangiye ko umunyeshuri agomba gusoza nibura ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza ashobora Gusoma atajijinganya, adatinda ku magambo kandi yubahiriza utwatuzo mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

## 1.2 Imiterere y'ikibazo

Mu buzima bwacu bwa buri munsi duhura n'abasoma cyangwa natwe tugasoma. Ururimi dusomamo tuba twararwize mu ishuri kugira ngo tumenye kurusoma neza uko bikwiye. Biba byitezwe kandi ko umuntu wese wanyuze mu ishuri aba azi gusoma adategwa, yubahiriza utwatuzo, aranguruye ndetse akaba intyoza mu gusoma mu gihe aba yarize neza ururimi rwe kavukire. Ikinyarwanda nk'ururimi kavukire rukoreshwa mungeri zitandukanye mu buzima bwa buri munsi bw'banyarwanda: mu isoko, mu nsengero, kwa muganga, mu mabanki, amaradiyo atandukanye ndetse no mu muryango usanga ari rwo rurimi ruganirwamo.

Nk'Abanyarwanda bamaze kwiga ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza birakwiye ko baba bazi gusoma uko bikwiye ururimi rw'Ikinyarwanda nkuko integanyanyigisho y'ikinyarwanda yo mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ibigaragaza, kwigisha gusoma niho birangirira cyane ko n'ibihekane ari ho kubyiga bigarukira. Birakwiye rero ko abanyeshuri b'Abanyarwanda bize mu Rwanda baba bazi gusoma neza Ikinyarwanda.

Nyamara siko bimeze ku banyeshuri bo mu mwaka wa kane w'amashuri yisumbuye CAP, MAS, ACC na ETLs mu ishuri rya APAER Rusororo mu Karere ka Gasabo. Kuko mu misomere yabo harimo ibibazo byo kurandaga, gutinda ku majwi bitari ngonbwa, kutubahiriza utwatuzo ndetse no gutinda ku migemo ku buryo bukabije. Ni mu gihe MINEDUC (2004), mu ntego zayo zihariye harimo ko umwana w'umunyarwanda agomba gutozwa umuco wo gusoma no kwandika akiri muto bityo akawukurana akanawusakaza mu bandi.

Ikibazo k'imisomere itanoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda nakimenyeye muri iri shuri nigishagamo ubwo nahaga abanyeshuri gusoma umwandiko w'Ikinyarwanda nyamara nkumva imisomere yabo itanoze kandi itaboneye. Abo banyeshuri basomaga Ikinyarwanda bategwa mu gihe basomaga amagambo **ku ishuri** aho gusoma **u** nka **w / -J** ngo bayihuze n'iyo nyajwi "**i**" avuge (***kwishuri***) ahubwo ugasanga bari kubanza bagasoma **ku** ukwayo bakabona kwatura ya nyajwi aho kubihuza. Kutubahiriza utwatuzo uko bikwiye mu mu mesomere nabyo bituma ubutumwa umwanditsi yari agamije gutanga mu nyandiko ye, butakirwa nk'uko bikwiye. Urugero: Niba umwanditsi yanditse, agamije kubaza agashyiraho akabazo (**?**) naho usomye

agasomera imbaga yashyizeho agatangaro (**!**) abo yasomeye bazatangara aho gutekereza no gusubiza ikibazo umwanditsi yabajije.

Mu misomere yabo kandi harimo kwitiranya amagambo. Urugero ni nk'aho basomaga **ku isokô aho gusoma ku isôoko, intâma** aho gusoma **intaama, inkooko aho** gusoma **inkokô, umwiîshywa** aho gusoma **umwîishywa**. Uko gusoma ijambo uko ritari, bishobora gutuma ritakaza umwimerere waryo kuko niba usomye yatuye **isîbo** y'intore aho gusoma **isibo** y'intore bituma umwimerere w'ijambo utakara. Naganirije abarimu bagenzi bange bigisha Ikinyarwanda bambwira ko ikibazo k'imisomere itanoze y'Ikinyarwanda bakibona mu gihe bari kwigisha. Ikibazo k'imisomere itanoze kandi cyongera kugaragaragazwa na (Benegusenga, 2024) mu bushakashatsi bwe bwari bugamije kugaragaza ubushobozi bwo gusoma bw'abanyeshuri bo mu mashuri abanza yo mu turere twa Kirehe na Kicukiro mu Rwanda. Bene gusena (2024) na bagenzi be bagaragaza ko hari icyuho mu bushobozi bwo gusoma mu banyeshuri bo mu mashuri abanza mu Rwanda,ibi babyemeza bifasshishije igipimo cy'uko kugera kuri 86.3% ( Ikigo k'igihugu k'ibarurishamibare mu Rwanda, 2018) yemeza kandui ko Niba nta gikozwe kuri iki ikibazo cy'ubushobozi buke bwo gusoma, niba kandi gikomeje kugaragara mu banyeshuri bo mu mashuri abanza , izamuka ryabo mu yandi mashuri hamwe n'imyigire yabo mu bihe biri imbere bizabangamirwa.

Ubwo rero, nkimara kubona iki kibazo k'imisomere itanoze y'ururimi rw'Ikinyarwanda nahise niyemeza kugikoraho ubushakashatsi ngo menye impamvu zituma aba banyeshuri basoma Ikinyarwanda mu buryo budakwiriye cyane ko nakomeje kubona ko no mu bindi abanyeshuri basomaga uko twakomezaga kwiga batasomaga uko bikwiye Ikinyarwaanda. Twahisemo kujya gukorera ubushakashatsi mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cyambere cy'amashuri abanza kubera ko kwigisha gusoma Ikinyarwanda ariho birangirira MINEDUC (2004).

### 1.3 Impamvu z'ubu bushakashatsi

Nk'uko byagaragajwe mu gusobanura uko ikibazo giteye gusoma ni ipfundo ndetse bikaba n'izingiro ry'ubumenyi kuko ubuhanga n'ubumenyi bivumburwa mu byanditswe. Mu turango nyarurimi dusangamo: kuvuga, kwandika, kumva no gusoma. Impamvu yaduteye gukora ubushakashatsi ku kuboneza imisomere ni ukubera ko bibera mu ruhame. Mu rusengero hasomwa amasomo atandukanye kandi abasoma nabo baba batandukanye, mu nama hasomwa

inyandikomvugo, raporo zitangwa ku bikorwa runaka zisomerwa mu ruhame, mu muryango igihe abana basomerwa inkuru n'ababarera, mu ishuri igihe abanyeshuri basomerwa nabo basoma byose bibera mu ruhame. Mu gihe urimo gusoma yanyuze mu ishuri nyamara imisomere ye ikaba itaboneye kandi itanoze kiba ari ikibazo.

Tukimara kubona ikibazo k'imisomere itanoze mu rurimi rw'Ikinyarwanda twahise twiyemeza kuzakorera ubushakashatsi mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza kubera ko kwigisha gusoma ariho birangirira. Mugihe rero umuntu asoma ategwa, yitiranya, arandaga kandi atubahiriza utwatuzo uko bikwiye kandi yaranyuze mu ishuri kiba ari ikibazo.

## 1.4 Intego z'ubushakashatsi

### 1.4.1 Intego rusange

Ubu bushakashatsi bufite intego rusange yo kwerekana imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda n'uburyo bukwiye bwakwifashishwa mukunoza imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

### 1.4.2 Intego zihariye

1. Kwerekana uburyo abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu w'amamashuri abanza bakoresha bigisha gusoma mu ururimi rw'Ikinyarwanda.
2. Kugaragaza imbogamizi abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza bahura nazo mu gihe k'imyigire yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda.
3. Kugaragaza imbogamizi abarimu bahura nazo mu gihe k'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda.

## 1.5 Ibibazo ubushakashatsi bugamije gusubiza

1. Ni ubuhe buryo bukoreshwa mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu?
2. Ni izihe mbogamizi abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu bahura nazo mu gihe k'imyigire yo gusoma Ikinyarwanda?

3. Ni izihe mbogamizi abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu bahura nazo mu gihe k'imyishirize yo gusoma Ikinyarwanda?

### 1.5.1 Umumaro w'ubushakashatsi

Mu guhitamo iyi nsanganyamatsiko ivuga ku mbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma mu rurimi rw'ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amahuri abanza'ni uko twabonye ko muri rusange hari icyuho. Imisomere inoze kandi iboneye ni umusingi wubakirwaho iterambere rirambye. Gusoma ku buryo buboneye rero (atajijinganya kandi hakurikizwa utwatuzo) ni ingenzi cyane ko Abanyarwanda mu gushyikirana baganira, kugaragaza imbamutima zabo n'ibitekerezo kandi bagahana ubutumwa butandukanye. Ibyo byiyongeraho kuba ururimi rw'Ikinyarwanda ari ururimi rubumbatiye umuco nyarwanda nk'uko bigaragara mu gitero cya kabiri k'indirimbo yubahiriza igihugu cy'u Rwanda. Ni yo mpamvu ingeri nyinshi z'abavuga ndetse bagasoma Ikinyarwanda zishobora kungukirwa n'ubu bushakashatsi.

### 1.5.2 Umumaro ku banyeshuri

Ubushakashatsi buzafasha abanyeshuri kujya basoma Ikinyarwanda uko bikwiriye. Ubwo buhanga mu gusoma ururimi kavukire buzatuma bashishikarira gusoma bityo bongere ubumenyi bwabo kandi ubwenge bwabo butere imbere.

### 1.5.2 Umumaro ku barimu

Abarimu na bo bashobora kuzifashisha ubu bushakashatsi mu guteza imbere imyigishirize iboneye mu gufasha abanyeshuri gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda ndetse bakanabuhuza n'ahandi haboneka icyuho mu kwigisha Ikinyarwaanda.

### 1.5.3 Umumaro ku mushakashatsi

Ubu bushakashatsi buzafasha umushakashatsi kuzamura ubushobozi bw'abanyeshuri buzakorerwaho bwo gusoma no kwandika neza Ikinyarwanda. Buzamufasha kandi kurangiza inshingano ye nk'umunyeshuri uhatanira impamyabumenyi y'ikiciro cya gatatu cya Kaminuza mu Kinyarwanda n'Iyigandero. Ikindi kandi ubu bushakashatsi buzagaragaza uburyo bukwiye kandi buboneye bwakoreshwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma.

### 1.5.4 Umumaro ku gihugu

Twasuzumye uburyo ururimi rw'Ikinyarwanda rwagira uruhare rukomeye mu iterambere ry'Abanyarwanda hagendewe ku kunoza imisomere yarwo. Nk'umushakashatsi twakoze kuri iyi ngingo y'uko ubushakashatsi bushobora kwagurwa bukarenga agace bwakorewemo kugira ngo bugirire akamaro abandi banyeshuri bo hirya no hino mu Gihigu.

## 1.6 Uko umurimo uteye

Uyu murimo ugizwe n'ibice bitanu by'ingenzi, ari na byo byiswe imitwe:

*Umutwe wa mbere witwa* **"Intangiriro rusange",** ugamije kugaragaza muri rusange ishingiro ry'ubu bushakashatsi, imiterere y'ikibazo, intego z'ubushakashatsi, ibibazo by'ubushakashatsi, umumaro w'ubushakashatsi no kugaragaza imiterere y'umurimo wose.

*Umutwe wa kabiri* **" Isesengura n'ijora ry'ubushakashatsi bwakozwe mbere"** uragaragaza inshoza zibanze ubu bushakashatsi bushingiyeho n'icyo abashakashatsi bagiye bavuga kuri buri nshoza. Muri uyu mutwe rero ni ho hagaragara uko imiterere y'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda iteye mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza yo mu Karere ka Gasabo n'ibyavuzwe n'abandi bashakashatsi ku mbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma. Uyu mutwe kandi usoza ugaragaza icyuho kiri mu bushakashatsi bwakozwe mbere n'uburyo bwo kukiziba.

*Umutwe wa gatatu witwa* **"Uburyo bwifashishijwe mu bushakashatsi".** Hagaragaramo uburyo bwifashishijwe mu gutoranya itsinda nkeshwamakuru muri ubu bushakashatsi. Twagaragaje uburyo amakuru yari akenewe yakusanyijwe ndetse n'uko ikusanya n'isesenguramakuru y'ubushakashatsi byakozwe.

*Umutwe wa kane* witwa **" Imurika n'isesenguramakuru".** Muri uyu mutwe niho twagaragarije amakuru yavuye mu bisubizo byatanzwe n'abakeshwamakuru ku bibazo bari bahawe twabigereranyije kandi n'ibibazo ubu bushakashatsi bwagendeyeho n'uko byagaragaje mu mutwe wa mbere.

*Umutwe wa gatanu* **"Umwanzuro n'ibyifuzo",** ushingiye ku byagaragajwe mu gihe k'isesenguramakuru, uyu mutwe ni wo ugaragaza umwanzuro n'ibyifuzo byafasha kugira ngo harusheho kunozwa imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwandanda.

# UMUTWE WA KABIRI: ISESENGURA N'IJORA RY'UBUSHAKASHATSI BWAKOZWE MBERE

## 2.1 Intangiriro

Ubumenyi bwo gusoma burakenewe cyane kugira ngo umuntu abashe kwigira ku myandiko. Mukama (2019) abisobanura ko isesengura n'ijora ry'ibanditswe mbere, riba rigambije kuvuga muri make aho ubumenyi buba bugeze ku byerekeye ishingiro umushakashatsi agiye gukora ubushakashatsi bwe. Nteziyaremye (2023) yongeraho ko iri sesengura n'ijora bifasha umushakashatsi kwerekana uruhare rwe mu kongera cyangwa guhindura imyumvire kuri ubwo bumenyi.

Muri uyu mutwe turagaragaza ibyo abani bashakashatsi batubanjirije banditse bigize aho bihuriye n'igitekerezo shingiro twahisemo gukoraho ubushakashatsi ndetse turanagerageza kubijora. Muri uyu mutwe kndi niho hasobanurwa amwe mu magambo fatizo y'ubu bushakashatsi ndetse n'izindi shoza zishobora kugira aho zihurira n'ubu bushakashatsi. Twagize icyo tuvuga ku buryo bukoreshwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma, inzitizi ku myigire n'imyigishirize yo gusoma, umushakashatsi yifashishije imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma, twagaragaje icyakorwa kandi kugira ngo imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda inoge. Mu gusoza uyu mutwe turagaragaza amahange yigendeweho muri ubu bushakashatsi ubundi dusoze twanzura.

Ishimangira akamaro ko kwigisha mu rurimi kavukire cyane cyane mu kiciro cyambere cy'amashuri abanza, UNESCO (2003) yagaragaje ko kwigisha abanyeshuri bakiri bato mu rurimi kavukire,  bitanga umusaruro mu myigire yabo kandi bikubaka n'isano ikomeye mu muco w'umunyeshuri.UNESCO ikomeza garagaza  ko abana bigishijwe mu rurimi rwabo (Kavukire) bakiri mu myaka yo hasi, babasha gutsinda neza amasomo yabo kuko bashobora kumva no gutanga ibitekerezo muri urwo rurimi bitababagoye kandi bagasubiza neza mu ishuri. Ubu bushakashati bwagaragaje ko kuba abana batiga amasomo yabo mu rurimi kavukire (Ikinyarwanda) mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, ururimi bigamo ari rwo rw'Icyongereza bituma abanyeshuri bagorwa no kumenya gusoma Ikinyarwanda cyane ko hari

n’ibigo by’amashuri bidaha agaciro Ikinyarwanda mu gihe biba bikoresha integanyanyigisho y’Ikinyarwanda.

UNESCO (1991) yagaragaje ko abantu barenga miliyoni mirongo icyenda n’eshanu (95) batashoboraga gusoma no kwandika. Muri uwo mwaka wa 1991 ubushakashatsi bwakozwe na UNESCO bwagaragaje ko abarimu bafite akazi gako meye ko ndetse ibitekerezo byabo bitandukanye ku buryo bwiza bwo gutoza abanyeshuri gusoma no kugera ku musaruro w’imisomere ukwiye bikenewe. Pretorius (2016) yavuze ko ubushakashatsi bukorwa bugaragaza ko abanyeshuri bo muri Africa y’epfo batazi gusoma no kwandika. Si ibyo gusa kuko agaragaza ko batazi no kubara bitewe no kuba ibyumba by’amashuri bidahagije, avuga ko kandi bitewe n’uburyo abarimu bashobora gukoresha mu my’igire n’imyigishirize itatandukanye, bishobora kuba imwe mu mpamvu y’uwo musaruro. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, abarimu bakoresha uburyo bu tandukanye bitewe n’ibyiciro by’abanyeshuri bafite.

**2.2 Ibisobanuro ku nshoza zifitanye isano n’ubu bushakashatsi**

**2.2.1 Imbogamizi**

Ijambo “imbogamizi” rishobora gusobanurwa kimwe n’inzitizi cyangwa intambamyi Bizimana (2010) dukurikije uko ryakoreshejwe dushingiye ku nkomoko yaryo kandi, dusanga ari izina mvansinga “kubogama” bisobanura kubangamira cyangwa gutambamira “ikintu runaka bityo ntikibashe kugera ku cyari kigamijwe. Bityo rero kibaho kugira ngo kibangamire icyakibanjirije kubaho”. Imbogamizi zivugwa hano n’’z’imyigire n’imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. Nk’uko imbogamizi zidashobora kuba nziza, birumvikana ko zibangamira imyigire n’imyigishirize yo gusoma.

**2.2.2 Imbogamizi mu myigishirize y’Ikinyarwanda**

Iyo urebye usanga kwigisha Ikinyarwanda mu mashuri byaratangiranye nayo ariko byahawe agaciro karushjegho mu wa1979. Nibwo hafashwe icyemezo cyo kwigisha amasomo yose mu Kinyarwanda mu mashuri abanza ndetse Ikinyarwanda kigakomeza kwigishwa nk’isomo mu mashuri abanza n’ayisumbuye mu mashami yose.  Umurage (2021) wongeye kugaragaza ko umwarimu w’umwana wa mbere w’Ikinyarwanda ni bi ababyeyi be bombi ari nyina kuko

atangira kumwigisha akimutwite, ni ukuvuga kwakundi amauganiriza ari mu nda. Yungamo kandi ivuga ko Umwana akomeza kwigira Ikinyarwanda mu itorero ni ukuvuga ishuri gakondo aho atorezwa mu mudugudu atuyemo cyangwa mu itorero ryo ku ishuri yigamo.

Umurage (2021) uvuga ko gahunda yo kwigisha amasomo yose Kinyarwanda yaje gukomwa mu nkokora n'abatiyumvishaga akamaro ko kwiga mu Kinyarwanda kuko bumvaga ko utize mu Gifaransa atamenya ubwenge. Guhutirwaho kw'iyo gahunda, mu gihe ibikoresho nabyo bitari bihagije bitewe n'ubushobozi bw'igihugu, abarimu nabo ntibari bateguwe kuzuza inshingano zabo muri urwo rugendo rushya. Ushingiye kuri Raporo ya Mineduc (2016), isobanurwa n' Umurage (2021) ugaragaza ko muri iki gihe Ikinyarwanda gikeneye kwigishwa mu mashuri yose kandi neza. Bakomeza basaba ko umubare *w'amasaha waba uhagije,* hakenewe kandi abarimu bashoboye, imfashanyigisho zihwitse.

Muri iyi nyandiko kandi Umurage (2021) uvuga ko ikibazo cy'abarimu babifitiye ubushobozi, ari ingorabahizi. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hari abarimu bahabwa kwigisha Ikinyarwanda batarakize hagamijwe kuzuza mubare w'amasaha ku ngengabihe y'umwarimu. Umurage (2021) kandi wagaragaje imbogamizi y'uko agashami kigisha indimi n'ubuvanganzo nyafurika muri kaminuza, kagatanga abarimu n'abashakashatsi katakibaho. Yoneraho ko kuri ubu ikibazo gihari ni uko iyo ukeneye umuntu uzi Ikinyarwanda utamushakira mu baminuje ahubwo ko wamubariza mu cyaro cya kure. Nk'uko ubu bushakashatsi bwabigaragaje ifasha nyigisho zidahagije n'imwe mu nzitizi zibangamira imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda by'umwihariko imisomere yacyo.

### 2.2.3 Imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda

Nk'uko Castelloti (2001), yasobanuwe na Ingabire (2007), aho avuga ko imyigire ari ijambo rikoreshwa aho baba bashaka kuvuga ko "kwiga" ari igihe umuntu ashaka ubumenyi bushya n'uburyo ashakamo ubwo bumenyi. Ni muri ubwo buryo imyigire yo gusoma ururrmi rw'Ikinyarwanda bisobanuye uburyo bwo gushaka ubumenyi mu mIsomere y'ururimi rw'Ikinyarwanda n'ururimi kandi rikaba n'isomo ry'igigishwa.

### 2.2.4 Uburyo bwo kwigisha gusoma mu rurimi

Abanyeshuri bo mu mashuri abanza, bafite urwego rutandukanye mu bushobozi bwo kwiga mbere y'uko basomano mu iterambere y'ubwonko Juel (1996) agaruka ku buryo butandukanye bwo kwiga, aho avuga ko kubera ko uburyo bwo kwigisha gusoma buba butanduakanye, bishobora kugora umwarimu. Koch (2017) abigarukaho kandi aho avuga ko inzira nziza yo gusoma inyura mu ngamba n'uburyo bukoreshwa mu gihe cyo gusoma. Mu kegeranyo yakoze gisaba uburyo bwuzuye bw'imyigishirize ikomatanyije aho bigishiriza mu buryo mu buro bunoze (National Reading Panel, 2000) abanyeshuri bakwiye kugira umwanya wo gusoma uhagije. Yihanangiriza kandi igatanga inama yo kudashyira imbere uburyo bumwe gusa, ahubwo yemeza uburyo butandukanye kandi bushobora gukemura ibibazo bitandukanye by'abanyeshuri. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko uburyo abarimu bakoresha bigisha gusoma: gusomera mu matsinda, kubanza gusoma nyuma abanyeshuri bagasoma, gukoresha ivumburamatsiko mbere yo gutangira gusoma aho abarimu babanza kubaza ibibazo bijyanye n'insanganyamatsiko igiye kwigwaho.  Gusa muri ubu buryo bwose bukoreshwa mu myigishirize yo gusoma, nta buryo shinganwa bukoreshwa ko ahubwo biterwa n'ubwo umwarimu yahisemo gukoresha. Mu nyigo yakozwe n'umuhanga mu miteherereze. Borko (1996) yagaragaje ko uruhare rwa mbere mu kumenya no kugena uburyo akoresha mu gihe k'imyigishirize yo gusoma.

Agaruka ku ikenekarurimi by'umwihariko imisome iboneye, umushakashashatsi Haki Elimu (2003) avugako impamvu zitera abanyeshuri bo mu byiciro kuba batsinda kugira ngo bazamure ikigero k'imitsindire, bishobora guterwa n'imikorere y'abarimu, imfashanyigisho, ibyumba by'amasomero, ibyumba bikorerwamo ubu shakashatsi, ibikoresho n'ibindi.

REB (2019) ivuga ko mu byo abanyeshuri basoma, haba harimo amagambo badakunda kumva cyane cyane mu biganiro bya buri munsi.  Ivuga ko ayo magambo mashya aba agomba kwigishwa bikabafasha gusobanukirwa n'ibyo basoma kandi bagatangira kuyakoresha mu buzima bwabo bwa buri munsi. Yungamo kandi ko kugira ngo umunyeshuri yunguke igisobanuro k'ijambo rishya, akwiye guhura n'iryo jambo kenshi gashoboka. Ubu bushakashati bwagaragaje ko ibitabo byo gusoma Ikinyarwanda mu mashuri abanza by'umwihariko ayakoreweho ubushakashatsi bidahagije. Ni mugihe umunyeshuri nadahura n'ibitabo ngo asome ishuro zirenze imwe, kunguka no gusobanukirwa amagambo mashya bizamubera ingorabahizi bityo najya ahura n'inyandiko runaka agorwe no kuyisoma.

### 2.2.5 Inyungu z'imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda

Itegeko nshinga rya Repuburika y'urwanda ryo muri 2003, nk'uko ryavuguruwe mu mwaka wa 2015, mu ngingo yaryo ya munani (8) igira iti "Ururimi rw'Igihugu ni Ikinyarwanda. Indimi zemewe ni Icyongereza, Igifaransa," Primature (2015).  Niyomugabo (2021) avuga ko uretse ko Ikinyarwanda ari ururimi rw'igishirizwa mu muryanga, ni n'ururimi kavukire ku Banyarwanda. Ururimi rw'Ikinyarwanda runigwa mu mashuri kugeza ubu. Primature (2015) ishimangira umwanzuro wa 13 w'inama y'igihugu y'umushikirano yateranye ku nshuro ya 13 yo muri 2015 nawo wahamyaga ko hagomba gushyirwaho ingamba zo kwimakaza no gusigasira indangagaciro z'umuco nyarwanda mu mashuri yose Ikinyarwanda kigakomeza kwigishwa no mu mashuri yisumbuye.

Hafashwe uyu mwanzuro mu rwego rwo gukomeza kubungabunga ururimi kavukire k'Abanyarwanda mu rwego kandi rwo kurukungahaza. Ibi rero biragaragaza uburyo ari iphundo ry'ubuzima bwa buri munsi bw'abanyarwanda. Ikigo k'Igihugu gishinzwe ibarururishamibare (NISR) Ikinyarwanda ni rurimi ruvugwa ndetse rugakoreshwa n'abaturarwanda barenga 99%. Inteko nyarwanda y'ururimi n'umuco (2020) Yongeye gushimanira ko Ikinyarwanda ari ururimi rufasha abanyarwanda kwagura amarembo mu karere u Rwanda ruherereyemo no ku isi yose muri rusanga niyo mpamvu kwigisha kunoza imisomere y'Ikinyarwanda cyamaze kuba ndengamipaka kuberako rutakiri ururimi rw'ubutegetsi n'igihugu gusa ahubwo rwabaye urw'akarere ndetse rurakabakaba kuba mpuzamahana kuko rumaze kuba ubukombe.

Niyomugabo (2021) ashimangira ko uruurimi rwitwa ururimi irwigishwamo iyo rukoreshwa mu kwigisha atyandi masomo. nk'uko abisobanura, Nteziyaremye (2023) kuba abanyarwanda bavuga ururi rumwe kavukire, bibafasha kumva vuba imimigambi y'iterambere ry'Igihugu, bikababafasha kugera ku ntego y'ibikorwa bihuriweho ku buryo bwihuse ururimi rw'Ikinyarwanda rufasha abanyarwanda kwikemurira nzitizi bahura nazo bikababaviramo kuba bakwifashisha Ikinyarwanda nk'umusingi fatizo wo ntandaro y'iterambere. Bidasubirwaho rero birakwiye kandi nii ingenzi gushyigikira imyigire n'imyigishirize mu byiciro byose by'amashuri yo mu Rwanda hibandwa mu kunoza imisomere y'Ikinyarwanda.

### 2.3 Icyuho mu bushakashatsi bwakozwe mbere

Icyatumye duhitamo ubu bushakashatsi bwo muri uru rwego ni uko habamu bushakashatsi bwakozwe mbere yaba yemwe n'uburimo gukorwa, uburyanye n'imyigire n'imyigishirize y'Ikinyarwanda mu kiciro cy'amashuri twakoreyemo ari buke muri rusange by'umwihariko, ntabwo tuzi bwasuzumye imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. Ikindi ni uko ibibazo n'inzitizi mu gusoma bwakozweho ubushakashatsi, bwibandaga ku gusesengura ibijyanye no kutamenya gusoma no kwandika muri rusange. Niyo mpamvu twahisemo gukora ubu bushakashatsi tugamije kugaragaza imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda imeze hasesengurwa imbogamizi zigaragaramo by'umwihariko.

### 2.4 Uburyo bwo kuziba icyuho cyagaragaye

Mu rwego rwo kuziba icyuho ubu bushakashatsi bwerekanye, twasomye inyandiko zitandukanye zifite aho zihuriye n'insanganyamatsko twahisemo, twakusanyije amakuru ahagije mu mashuri abanza mu kiciro twakoreyemo ubu bushakashatsi ndetse tuyasesengurana ubushishozi. Twaboneyeho kandi no gusuzuma ibijyanye n'ibyifuzo n'imbogamizi abarezi n'abanyeshuri bahura nazo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma ndetse dusesengura tunagaragaza ibyifuzo byatanzwe n'abarimu ku cyakorwa hagamijwe kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda. Mugusoza twatanze inama ku cyakorwa mu rwego ro kunoza imyigire n'imyigishirize yo gusoma.  Byongeyekandi kuba ubu bushakashatsi bwerekana imbogamizi abarimu n'abanyeshuri bahura nazo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, biri mu byatumye duhitamo kubukora nka bumwe mu buryo bwo kuzima icyuho cyagaragajwe mu bwakozwe mbere.

### 2.5 Amahange ubu bushakashakitsi bwubakiyeho

Ubu bushakashatsi twabukoze hifashishijwe ibikubiye mu mahange abiri:  ihange nyamujora n' ihange ry'imyigire nyamibanire.  Kubyerekeranye n'ihange nyamujora, Stephen (2009) arabigaragaza ndetse na Bihira (2022), avuga ko iri hange ari uburyo bwo kwitegereza, gutekereza ku byakozwe, kubisesengura ku buryo bucukumbuye hakagira ibishimwa n'ibinengwa. Twifashishije iri hange cyane mu mutwe wa kabiri (aho twasomaga ibyanditswe n'abandi bashakashatsi bifitanye isano n'ubu bushakashatsi) iri hange kandi ryadufashije mu mutwe wa kane mu ijora rya bimwe mu byavuye mu makuru yakusanyijwe mu bagize uruhare

muri ubu bushakashatsi. Ku bijyanye n'ihange nyamibanire nk'uko Bandura (2002) agaragaza ko imyigire y'umuntu itera imbere iyo hari imibanire hagati ye n'abandi. Iri hange risobanuye ko imyigire n'imyigishirize bigenda neza iyo abanyeshuri bahawe uburenganzira bwo gukurikirana ibikorwa kandi nabo bakabigiramo uruhare. Gusangira ibitekerezo nabo ndetse no kubahuriza mu matsinda mato no gukoresha ikiganiro nibyo bibafasha kubaka ubumenyi bafatanyije. Balakrishnan (2015) avuga ku byiciro bitatu by'uburyo abanyeshuri bigamo aribyo: kugira uruhare rugaragara mu isomo, kwikoresha no gukorana n'abandi. Aha twavuga ko iyo abanyeshuri bagize uruhare rugaragara mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Inyarwanda, bituma bunguka ubumenyi buhishe muri iyo nyandiko. Mu gihe bakorera mu matsinda kandi bibafasha bibafasha kungurana ubumenyi bwo gusoma n'ubundi buba bugamijwe.

### 2.6 Akanzuro

Muri uyu mutwe hasobanuwe inshoza zifite aho zihuriye n'insanganyamatsiko y'ubu bshakashatsi nk'imbogamizi, imyigire, imyigishirize, umburyo bwo gusoma, n'imyigishirize y'Ikinyarwanda. Twerekanye kandi icyo bamwe mu bashakashatsi bagaragaje ku nzitizi z'imyigishirize n'imyigire yo gusoma mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ikindi twagaragaje ni bumwe mu bushakashatsi kuburyo bwo bukoreshwa mu kwigisha gusoma, aho bashimangira ndetse bakemeza ko ntaburyo shinganwa butegetswe gukoreshwa ahubwo ko buri muwarimu ari we ukwiye kugenzura no guhitamo ubwo agamba gukoresha bitewe n'ikigero cy'abanyeshuri afite ndetse n'ubushobozi basanganywe. Mu gusoza twagaragaje ibijyanye n'amahanye nyoborabushakashatsi abiri twifashishije mu gukora ubu bushakashatsi

# UMUTWE WA GATATU: UBURYO BWIFASHISHIJWE MU BUSHAKASHATSI

## 3. 1 Intangiriro

Muri uyu mutwe turagaragaza uburyo bwifashishijwe kugira ngo tugere ku ntego y'uyu murimo w'ubushakashatsi bwacu mu kugaragaza imbogamizi zibangamira uburyo bwo kunoza imisomere ikwiye kandi iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda. Turagaragaza itsinda nkeshwamakuru, uburyo buzakoreshwa mu guhitamo itsinda nkeshwamakuru, aho ubushakashatsi bwakorewe n'abo bwakoreweho ndetse n'uburyo bwakoreshejwe mu gukusanya no gusesengura amakuru.

### 3.2 Imitere y'ubushakashatsi

Buri mushakashatsi wese agomba kwibaza ku mitere y'ubushakashatsi agiye gukora ko iyi miterere niyo imufasha gutekereza ku miterere y'ibibazo by'ubushakashatsi azakoresha abaza bitewe n'amakuru azaba akeneye. Ibi kandi bijyana n'ibikoresho aba azifashisha mu ikusanyamakuru (Cohen, Manion & Marrison, 2018). Ngarambe, Mulindahabi na Mukama (2019), na bo bunze mu ryabo bemeza ko mbere y'uko umushakashatsi akusanya amakuru akwiye kubanza guhitamo ikerekezo nyamukuru ashaka kubakiraho ubushakashatsi bwe, agategura uburyo ndetse n'ibikoresho azifashisha mu kuyakusanya ashingiye ku mpamvu abona ko ubwo buryo ari bwo bukwiriye kandi ko ari bwo buzamuha amakuru yizewe kandi agateganya n'aho azakura ayo makuru, abazayamuha ndetse n'igihe azayakusanyiriza. Mu bice bikurikira, turagaragaza neza aho bubusahashatsi bwakorewe, n'uburyo bwakoresheje mu guhusanya amakuru tugamije kugira ngo intego y'ubu bushakashatsi ibashe kugerwaho.

### 3.3 Imbibi z'ubushakashatsi

Buri murimo w'ubushakashati ugira aho ugomba guhera n'aho ugomba kugarukira, bitewe n'igihe uko kingana. Ntibyadukundira kwiga igihugu cyose akaba ari nayo mpamvu uyu murimo wacu wagize imbibi zagarukiraga ku kugaragaza imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, no kwewkana uburyo bukwiye kandi buboneye bwakoreshwa mugihe k'imyigishirize yo ugusoma ururimi rw'Ikinyarwanda. Ubushakashatsi bwacu twabukoreye mu

Rwunge rw’amashuri ya **GS Kabuga Gatholic** ribarizwa mu murenge wa Rusororo, muri **Hope Haven School** riherereye mu murenge wa Ndera, **Kibagabaga Primary school** riri mu murenge wa Kimironko ndetse na **Morning Star Christian Academy** riherereye mu murenge wa Rusoro. Aya mashuri yose aherereye mu Karere ka Gasabo. Muri aya mashuri yose kandi twakoreye mu mwaka wa gatatu w’ikiciro cya mbere cy’amashuri abanza nk’uko byagaragajwe mu mpamvu z’ubushakashatsi. Ku ruhande rumwe ishuri rya Kibagabaga riherereye mu gace k’Umujyi kandi rikaba ari irya Leta mugihe ishuri rya Kabuga Quatolic rbihuriye ku kuba yose ari aya Leta, ryo riri mu gace kajya kuba icyaro kandi rikaba rifite ibyiciro by’amashuri kugera ku burezi bw’ibanze bw’imyaka cumi n’ibiri. Naho ishuri ribanza rya Hope Haven ryo ririgenga kandi rifite ibikoresho bihagije. ntitwakwibagirwa ko iri shuri ryashinzwe kandi riterwa inkunga n’Abanyamerika. Ishuri ribanza rya Morning Star Christian Academy ririgenga kandi rikaba ryarashizw ndetse rikaba riri mu biganza by’ababyeyi bishyize hamwe.

### 3.4 Uburyo ubushakashatsi bwakozwemo

Ibyavuye mu bushakashatsi, byasesenguwe hifashishijwe **isesengura nyamimerere**. Mukama na Nkusi (2019), bavuga ko uburyo nyamimerere ari uburyo butuma abashakashatsi babona ukuri ku bintu bibera mu mibanire y’abantu ko ari ukuri kubakwa kandi gushobora guhinduka bitewe n’imibereho nyakuri y’abantu. Ubushakashatsi nyamimerere bushingira kandi gugasesengura ukuri kuba mu makuru agendanye n’imibereho y’abantu n’aho baba no mu bitekerezo ndetse n’imyumvire yabo. Nubwo twakoresheje ubu buryo nyamimerere ntibyatubujije kwifashisha imibare n’uburyo bwo gusesengura tujanisha nk’uko tubikesha Sandelowski, M. (2001) aho avuga ko gukoresha imibare mu isesengura n’imumurikamakuru yavuye mu bushakashatsi bitabuza ubwo bushakashatsi kuba ari nyamimerere. Nk’uko kandi (Bailey,1978) agaragaza ko uburyo nyamimerere mu bushakashatsi, bugamije gusobanura imyitwarire y’abantu ndetse n’impamvu zituma bagira imyitwarire runaka. Akomeza Ashimangira ko uburyo nyamimerere bushyira imbere kumva neza impamvu z’imyitwarire, imyemerere, n’ibitekerezo bishobora kugira uruhare mu byo abantu bakora. Muri iyi nyigoye kandi, Bailey akomeza avuga ko gukoresha ubu buryo bwo kuganira mu buryo bwimbitse (in-depth interviews), kwitabira ibikorawa by’ubushakashatsi (Participant observation) ari ingenzi mu gusobanura neza ubu buryo. Hifashishijwe ubu buryo, amakuru yavuye mu biganiro abanza kuyungururwa hanyuma agashyirwa mu matsinda hakurikijwe insanganyamatsiko. Ayo makuru kandi asesengurwa

hashingiwe ku ntego z'ubushakashatsi. Muri ubu buryo kandi umushakashatsi ashobora kumarana n'abakeshwamakuru umwanya kandi mu bihe bitandukanye, kugira ngo arusheho kumenya uburyo babayeho n'uko batekereza; ibyo byose bikaba ari amakuru y'ubushakashatsi. Muri ubu bushakashatsi, hasesenguwe amakuru yatanzwe n'abarimu, ndetse n'abayobozi bashinzwe amasomo twakoreyeho ubushakashatsi. Twagiye mu mashuri tugamije kwitegereza uko imyigire n'imyigishirize yo gusoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda ikorwa tugamije gutahura ibikorwa n'abarimu n'abanyeshuri mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda.

## 3.4 Gutorsnya itsinda nkeshwamakuru

### 3.4.1 Itsinda ngenderwaho

Itsinda ngenderwaho mu ikusanyamakuru akenewe muri ubu bushakashatsi rigizwe n'abarimu bose bigisha Ikinyarwanda n'abayobozi b'ibigo bashinzwe amasomo mubigo by'amashuri bigera kuri bine byo mu Karere ka Gasabo byatoranyijwe gukorerwaho ubu bushakashatsi. Abarimu (34) bigisha Ikinyarwanda n'abayobozi bashinzwe amasomo (4) bose hamwe bakaba bangana na (38).

Ubu bushakashatsi bwakorewe mu Mujyi wa Kigali mu Karere ka Gasabo mu bigo by'amashuri abanza bine byigisha Ikinyarwanda kandi bigakurikiza n'i nteganyanyigisho ya Leta y'u Rwanda. Ayo mashuri akaba ari : G.S Kabuga Catholic mu Murenge wa Rusororo nk'ishuri rya Leta kandi rikaba riherereye mu cyaro, Morning Star Christian Academy giherereye mu Murenge wa Rusororo nk'ishuri rya ryigenga kandi rikaba ryigisha Ikinyarwanda kandi rikaba riherereye ahagaragara nk'Umujyi, Hope Haven School nk'ishuri ryigenga rikaba riherereye mu Murenge wa Ndera ahagaragara nk'icyaro. Kugira ngo turebe itandukaniro, twahisemo n'Ishuri ribanza rya Kibagabaga riherereye mu Murenge wa Kimironko nk'ishuri rya Leta riherereye mu gace k'Umujyi. Aka Karere katoranijwe ku bera ko twabonye ko ibyo dukeneye bijyanye n'ubushakashatsi bwacu kuri ibyo bigo bihari. Ibi bigo byatoranijwe kugira ngo hakusanywe amakuru afatika ku mpande zose.

Ubu bushakashatsi bwashatse amakuru ku barimu bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza kubera ko kwiga no kwigisha gusoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda ari ho birangirira n'abayobozi b'ibigo bya'amashuri twahisemo gukoreramo ubushakashatsi. Twinjiye muri buri ishuri ry'umwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza tugamije

kwitegereza no kugenzura uburyo imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda ikorwa. Ibi bigo byatoranijwe ku buryo bwa nyampamvu kubera ko byose byigisha Ikinyarwanda kandi bikurikiza integaryanyigisho y'Ikinyarwanda. Aya mashuri yose twahisemo kandi agendera ku nteganyanyigisho imwe mu myigire n'imyigishirize y'isomo ry'Ikinyarwanda.

### 3.4.2 Itsinda nkeshwamakuru

Nk'uko tubikesha Mukama, (2019, p.92), asobanura ko Itsinda nkeshwamakuru ari ikoraniro ry'abantu bake ritoranywa mu itsinda itsinda nshingirwaho rigizwe n'abantu benshi bahuje ibirango kugira ngo batange amakuru ku nsanganyamatsiko runaka iba iri kwigwaho. Ikindi ni uko mu bushakashatsi ari ngombwa atanzwe aba avuye ku bantu bayafite ndetse anizewe.

Ubu bushakashatsi bwacu rero bwahisemo gukoresha abatangamakuru bagera kuri (12) barimo abarimu (8) bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza ku bigo twakoreyeho ubushakashatsi aribyo : Hope Haven School, GS Kabuga Catholic, Morning Star Christian Academy na Kibagabaga Primary School babiri babiri kuri buri kigo. Muri aba barimu (8) abagabo ni batanu (5) ndetse n'abagore batatu (3) bose bigisha mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza, twabajije abayobozi bashinzwe amasomo kuri ibi bigo bagera kuri bane (4) barimo abagore (2) n'abagabo (2).

Ubundi buryo twakoresheje ni ukwitegereza abarimu bigisha kinyarwanda mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma tugamije kugenzura uburyo bukoreshwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ndetse n'imbogamizi abiga n'abigisha gusoma mu Kinyarwanda buhura nazo mu bikorwa byabo bya buri munsi.

### 3.4.3 Ikusanyamakuru n'isesenguramakuru

Muri ubu bushakashatsi, twakusanyije inyandiko zikubiyemo ibibazo byabajijwe ndetse bisubizwa n'ibyiciro byose by'abagize iitsinda nkeshwamakuru muri ubu bushakashatsi (abarimu, abayobozi b'ibigo bashinzwe amasomo) hamwe n'igenzura twakoreye mu mashuri tugamije kureba uburyo bukoreshwa n'abarimu mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. Aya arero ni yo makuru yashingiweho muri ubu bushakashatsi. Mu ikusanyamakuru y'inyongera twifashishije ibitabo n'izindi nyandiko z'ubushakashatsi zinyuranye zifite aho zihuriye n'imyigi

### 3.4.4 Ikusanyamakuru

Ubu bushakashatsi bushingiye ku gusesengura tugaragaza imbogamizi mu misomere y’ururimi rw’Ikinyarwanda. Buragusha ku ***bumenyi nyamuntu n’imibanire y’abantu*** akaba ari yo mpamvu mu ikusanyamakuru twakoresheje uburyo bw’iganirabaza rifunguye igice ku barimu n’abayobozi bo muri ibyo bigo twahisemo gukoreramo ubushakashatsi. Ubu buryo butwemerera kuzagenda tubaza abarimu n’abayobozi ibindi bibazo bitari ku rutonde rw’ibyateganyijwe (Mukama,2019) Tuzinjira kandi mu mashuri twahisemo twitegereze uko imyigire n’imyigishirize yo gusoma ururimi rw’Ikinyarwanda ikorwa tugamije kugaragaza uburwo bukwiye gukoreshwa mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma mu Kinyarwanda.

Muri ubu bushakashatsi bwacu kandi twakusanyije amakuru dukoresheje ibibizo twabajije abarimu bigisha Ikinyarwanda n’abayobozi b’ibigo byakorerwaho ubushakashatsi. Ibi bibazo byarabazwaga bigahita bisubizwa muri uwo mwanya binyuze mu biganiro twaganiriye n’abarimu bigisha Ikinyarwanda n’abayobozi bashinzwe amasomo mu mashuri twavuze haruguru ari nayo yakoreweho ubushakashatsi. Ibyo byakozwe hagamijwe gutahura niba koko hari ikibazo mu misomere y’ururimi rw’ikinyarwanda. Ni uguhuza no kugaragaza ihurizo mu misomere y’Ikinyarwanda rigomba gukemurwa no guhuza ibitekerezo by'uko iryo hurizo rigombaga gukemurwa kuko iki gikorwa cyabaye gikeneye uruhare rw’umushakashatsi no gufatanya n’ingeri nyinshi z'abantu mu ikusanamakuru.

Ubu buryo twakoresheje kandi bwunganirwe n’uburyo bw’iganirabaza (Inerview) rifunguye igice. Ubu buryo bwatwemereraga kugenda tubaza n’ibindi bibazo bitari ku rutonde rw’ibyateganyijwe. Twagariye n’abarimu ndetse n’abayobozi bashinwe amasomo tugamije kureba imbogamizi bahura nazo mu myigire n’imyigishirize yo gusoma ururimi rw’ Ikinyarwanda ku rehande rw’abiga ndetse no ku rw’abigisha gusoma Ikinyarwarwanda. Muri ubu bushakashatsi bwacu twakoresheje n’uburyo bw’isomanyandiko aho twasomye inyandiko zitandukanye zivuga ku myigire n’imyigishirize y’indimi ndetse n’izivuga ku myigire n’imyigishirize yo gusoma ururimi by’umwihariko. Aha twasomye ibitabo bikoreshwa mu myigire n’imyigishirize y’ururimi rw’Ikinyarwanda muri iki gihe kandi mu byiciro bitandukanye. Twasesenguye kandi ibikubiye mu nteganyanyigisho n’ibitabo bikoreshwa mu mashuri abanza kugira ngo turebe ibiteganywa mu myigire n’imyigishirize bijyanye no gusoma.

### 3.4.5 Ibibazo bihita bisubizwa binyuze mu biganiro

Muri ubu bushakashatsi, twateguye ibibazo umunani (8) byabajjijwe abarimu bigisaha Ikinyarwanda kugira ngo tumenye neza uburemere bw'ikibazo cyagaragaraga mu misomere y'ururimi rw'Ikinyarwanda ndetse n'abayobozi bashinzwe amasomo mu bigo twakoreyeho ubushakashatsi, twababajije ibibazo mu iganira baza mu biganiro twagiranye nabo. Twanasuzumye niba uburyo twateganyaga gukoresha tugaragaza ibyo abarimu b'Ikinyarwanda badutangarije mu biganiro bitandukanye twagiranye. Ikindi ni uko twagaragaje n'akamaro k'ubu bushakashatsi. Ku ruhande rw'abarimu kandi batugaragarije uburyo biyumvisha akamaro k'ubwo buryo mu myigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 3.4.6 Gusoma inyandiko zigaragaza imyigire n'imyigishirize yo gusoma

Twagerageje gusoma inyandiko zivuga ku myigishirize y'indimi , uburyo kwiga no kwigisha gusoma bikorwa n'imbogamizi abarimu n'abanyeshuri bahura na zo mugihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma ibyo byose twabisesenguye tubikuza n'ururimi rw'Ikinyarwanda. Twinjiye mu mashuri mu gihe k'imyigire n'imyigishirize tugamije gutahura imbogamizi abanyeshuri n'abarimu bahura na zo mu gihe bari kwiga gusoma ntunasaba kwinjira mu masomero y'ibigo twakoreyeho ubushakashatsi. Twitegereje mu busitani bw'ibigo, tureba kandi n'ahamanikwa amatangazo ndetse n'ibyapa biherereye mu bigo by'amashuri tugamije kmenya agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda gishabwa mu bigo by'amashuri. By'umwihariko amashuri abanza.

### 3.4.7 Ububonere bw'ubushakashatsi

Umwanditsi Amin (2005), agaragaza ko ububonere ari uburyo bwo gusuzuma ko icyo igikoresho k'ikusanyamakuru cyasuzumye icyari kigamijwe. Ku rundi ruhande asobonura ko ububonere bw'ibirimo bihura neza n'ikigero cy'ibyari byitezwe mu buryo bwifashishijwe mu gukusanya amakuru. Muri uyu murimo rero ibikubiye mu bikoresho byifashishijwe mu ikusanyamakuru birahura neza n'intego z'ubu bushakatsitsi.

Kugira ngo rero twemeze ko ubu bushakashatsi bufite ububonere, twifashishije abarimu b'inzobere mu rurimi rw'Ikinyarwanda, bigisha Ikinyarwanda kandi banakizi. Mu gupima ubwo bubonere rero twafashe bake muri bo tubabaza tugendeye ku itonde ry'ibibazo by'ubushakashatsi bakora ubusesenguzi bwabyo bagendeye ku ntego zari zigamijwe ku

kwerekana uburyo bukoreshwa n'imbogamizi zigaragara mu gutoza abiga kunoza imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu myigire n'imyigishirize y'urwo rurimi. Nyuma tunareba niba koko hari ikibazo kirimo.

### 3.4.8 Ubwizerwe bw'ubushakashatsi

Dushingiye ku bubonere bw'ubu bushakashatsi, turemeza ko bufite ubwizerwe kubera ko icyo umushakashatsi yari agamije gusuzuma ni cyo cyasuzumwe nta guca ku ruhande. Ikindi kandi ni uko umushakashatsi yabanje guhabwa uburenganzira bwo gukora ubushakashatsi na Kaminuza y'u Rwanda ishami ry'Uburezi, hanyuma na we akandikira Umujyi wa Kigali yifuzaga gukoreramo ubushakashatsi, nawo ukamuha uburenganzira. Si ibyo gusa kuko nyuma yo kwemererwa gukorere ubushakashatsi muri uwo Mujyi wa Kigali, abayobozi b'ibigo by'amashuri byatoranyijwe, bagaragarijwe intego z'ubushakashatsi ndetse n'impamvu yabwo na bo bemera gutanga umusanzu wabo mu bushakashatsi. Abarimu n'abanyeshuri kandi na bo bagize uruhare mu bushakashatsi nyuma yo kumara kugenzurwa basobanuriwe icyo ubushakashatsi bugamaje n'intego zabwo hanyuma bashyira umukono ku rupapuro rwo kwemera kujya mu bushakashatsi ku bushake.

Muri make ubu bushakashatsi burizewe kuko buri wese urebwa nabwo yatanze umusanzu we uko bikwiye nta gahato karimo kandi n'umushakashatsi akurikiza amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi nk'uko tubikesha Mukama na Nkusi (2019).

## 3.5 Imyitwarire y'umushakashatsi mu ikusanyamakuru

Nk'uko abigarukaho, Ruterana (2019), agaragaza ko buri bushakashatsi bukwiye gukurikiza amahame ngengamyitwarire ajyanye nabwo. Aya mahame yerekeranye n'uko umushakshasti akwiye kubanza kubaza niba abantu bazagira uruhare mu bushakashatsi bwe bemera gukorana na we ku bushake. Aba akwiye kandi kugrageza kugabanya ingorane n'ibyago abazagira uruhare mu bushakashatsi bahura na byo, kwirinda kumenyekanisha amazina yabo kandi akabagirira ibanga, kwirinda uburiganya mu mikorere ye, no guha abazagira uruhare mu bushakashatsi uburenganzira bwo kuba bakwivana mu bushakashatsi igihe icyo ari cyo cyose babishakira. Bryman (2008) nk'uko yasobanuwe na Ruterana (2019), buri mu shakashatsi agomba kugirira ibanga abafatanyabikorwa be mu bushakashatsi bwe. Yungamo ko abashakashatsi bagomba no

kwirinda ibiranga umwirondoro w'umukeshwamakuru bishobora gutuma hamenyekana ababajijwe Ruterana (2019).

Tugendeye kuri izi mpavu, natwe twubahirije uburenganzira bw'abagize uruhare muri ubu bushakashatsi. Ni muri urwo rwego kandi mbere yo gukusanya amakuru twabanje gusobanura abakorerwaho ubushakashatsi, imiterere yabwo, ikigamijwe, ibyemewe n'ibitemewe mu bushakashatsi.  Mbere yo kubasaba kuduha amakuru, twabanje kumara impungenge ko amakuru bari buduhe agakusanywa, akabikwa kandi akazasesengurwa mu ibanga, kandi ko n'ibizavamo bizatangazwa hirindwa kugaragaza imyirondoro yabo twirinda ko byazagira uwo bigiraho ingaruka izo ari zo zose. Twabasobanuriye ko bafite uburenganzira bwo kwikura mu bushakashatsi igihe cyose bibaye ngombwa kandi ko nta nkurikizi izo ari zo zose bahura nazo mu gihe bivanye mu bushakashatsi.  Twabasobanuriye kandi ko ukora ubushakashatsi, ari umunyeshuri wiga muri Kaminuza y'u Rwanda, mu kiciro cya gatatu mu Kinyarwanda n'uburezi. Twanabwiye kandi ko ikigamijwe ari ukwerekana imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwandano kugaragaza uburyo bukoreshwa muri iyo myigire n'imyigishirize. Byongeye kandi twabanje gusaba guhabwa uburenganzira n'uruhushya byo gukora ubushakashatsi ku nzego nyobozi zifitanye isano n'urwego ubu bushakashatsi bwakozwemo harimo Kaminuza y'u Rwanda n'Umujyi wa Kigali kuko ari zo nzego zarebwaga n'ubu bushakashatsi nk'ubo byagaragajwe ku mugereka.

Kuberea izi mpamvu rero, abagize uruhare muri ubu bushakashatsi, ntibakwiriye kugira amakenga n'impungenge ku ngaruka byabagiraho cyangwa no bitege inyungu iyo ari yo yose yazaturuka muri bwo. Abagize uruhare bose mu kuduha amakuru y'ubushakashatsi twasozaga tubashimira mu magambo, nk'uko byari no ku nyandiko zisaba amakuru.

# UMUTWE WA KANE: ISESENGURA RY’AMAKURU YAKUSANYIJWE

## 4.1 Intangiriro

Ikusanyamakuru ni umurimo w’ingenzi mu bushakashatsi, nk’uko Chang (2008) avuga ko ikusanyamakuru ridahagije bitewe nuko haba hari byinshi byo gukora mu makuru yakusanyijwe. Bityo rero isesenguramakuru ni umurimo utoroshye ariko w’igenzi ugomba gukurikira ikusanyamakuru. Mu isesenguramakuru yakusanyijwe, hifashishijwe uburyo bwagaragajwe mu mutwe wa gatatu, ibyavuye mu bushakashatsi byose byaragaragajwe kandi tugira icyo tubivugaho.

Uyu mutwe ugamije kugaragaza ibyavuye mu makuru y’ibanze twakusanyije mu mashuri yakorewemo ubu bushakashatsi. Nyuma yo gusesengura itsinda nkeshwamakuru, hagaragajwe ku buryo burambuye uburyo bukoreshwa ndetse n’imbogamizi zigaragara mu myigire n’imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. Nk’uko byasobanuwe mu mutwe wa gatatu, abakeshwamakuru muri ubu bushakashatsi twabashyize mu byiciro bibiri. igice cya mbere kigaragaramo ibisubizo ku ibibazo byabajijwe abarim naho igice cyakabiri kigizwe n’ibisubizo ku biibazo byabajijwe abayobozi b’ibigo bashinzwe amasomo. ibisubizo n’ibibazo byose byakusanyijwe mu gihe k’iganirabaza.

Muri uyu mutwe hasuzumwe uburyo bukoreshwa mu myigire n’imyigishirize yo gusoma ururimi rw’ Ikinyarwanda mu mwaka wagatatu w’ikiciro cya mbere cy’amashuri abanza, hagaragajwe kandi hanasesengurwa imbogamizi abiga n’abigisha gusoma bahura nazo mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma ururimi rw’Ikinyarwanda. Ibi byakozwe hashingiwe kuntego ubu bushakashatsi bwari bufite ari zo: (1) Kwerekana uburyo abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu w’amamashuri abanza bakoresha bigisha gusoma mu ururimi rw’Ikinyarwanda; (2) Kugaragaza imbogamizi abanyeshuri bo mu mwaka wagatatu w’ikiciro cya mbere cy’amashuri abanza bahura na zo mu gihe bari gusoma ururimi rw’Ikinyarwanda; (3) Kugaragaza imbogamizi abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu bahura nazo mu gihe k’imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda.

Nk'uko byagaragajwe, mu mubare w'itsinda nkeshwamakuru, ibigo by'amashuri twakoreyeho ubushakashatsi ari nabyo byavuzwe haruguru bigera kuri (4) bife abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza bagera ku (8) ndetse n'abayobozi bashinzwe amasomo (4). Aba rero ni bo twatoranyije nk'abakeshwamakuru uko ari (12). Twifashishije ibibazo bigera ku (8) byari bigenewe abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu n'ibindi (6) byabajijwe abayobozi bashinzwe amasomo mu gihe k'iganirabaza. Ikindi ni uko twihaye ingigo ngenderwaho zigera kuri eshatu (3) tugamije kugenzura imikorere n'imikoreshereze y'ururimi rw'Ikinyarwanda muri ayo mashuri twakoreyeho ubushakashatsi. Ibyo bibazo byose rero ni byo byabajijwe kandi byasubijwe byose uko byari byateguwe Amakuru yatanzwe yarasuzumwe aranasesengurwa akaba agiye kumurikwa mu buryo bukurikira:

## 4.2 UBURYO ABARIMU BIGISHA MU MWAKA WA GATATU W'AMAMASHURI ABANZA BAKORESHA BIGISHA GUSOMA MU URURIMI RW'IKINYARWANDA

Muri ubu bushakashatsi byaragaragaye ko uburyo bukoreshwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda butandukanye ku barimu bose. Mu barimu umunani twabajije (8) batandatu (6) muri bo batubwiye ko bakoresha uburyo bw'ivumburamatsiko aho babanza kubaza abanyeshuri ibibazo byerekeza ku nsaganyamatsiko ndetse bakabereka n'amashusho yerekeza ku nsanganyamatsiko bose bahurira kuburyo bwa "Ndatanga urugero, dukorane twese, buri wese akore. Ubu buryo bwahuriweho n'abagera kuri batanu (5) bangana na mirongo itandatu na kabiri ku ijana (62%). Batubwiye ko babaza kwereka abanyeshuri amashusho, bakababaza ibibazo bijyanye n'ayo mashusho berekeza ku nsanganya matsiko iri mu mwandiko nyuma ma bakabahereza ibitabo bakakabasaba kubumbura ku rupapuro rujyanye n'ikigwa cy'umunsi bakabasaba gusoma bucece.

Nyuma yo gusoma bucece umwarimu abosomere aranguruye kandi aakurikiza utwatuzo nyarurimi mu misomere ye nyuma akabasaba gusoma akurikije uko bicaye mu byiciro mu ishuri (ibipande), hagakurikiraho kubasa gusomera umwe umwe mu ishuri baranguruye kandi bakurikiza uko mwarimu yabasomeye nk'uko Bandura (1969), avuga ku myigire nyamubano abisobara ko kwiga ari ukwigana. Ibi bisomanuye ko mugihe umwarimu asomera abanyeshuri, nyuma akabasaba gusubiramo, biragusha kuri iyi myumvire ya Bandura kuko bazasoma bigana uko umwarimu yasomye.

Avuga ku byiciro by'uburyo abanyeshuri bigamo Balakrishnan (2015) aribyo: kugira uruhare rugaragara mu isomo, kwikoresha no gukorana n'abandi, ubu bushakashatsi bwerekana ko hari abarimu basaba abanagusoma bucece icyo gihe baba bikoresha. Hariri n'abasomera hamwe mu matsinda ndetse n'asoma bagendana n'umwarimu mu rwego rwo kugira uruhare mukwiga nk'uko Balakrishnan (2015) abyemeza.

Hari abarimu babiri (2) mu bo twaganiriye, batubwiye ko bakoresha uburyo bwo gusomrea abanyeshuri bateze amatwi. Kubera ko bombi twabasanze ku kigo kimwe batubwiye ko nta bitabo bafite ndetse ko abanyeshuri batemerewe gukoresha Ikinyarwanda uretse mu isomo rya cyo gusa. Umwe muri bo yagize ati:

"*Iyo ngiye kwigisha abanyeshuri gusoma umwandiko iyo atari muremure nywandika ku kibahu abanyeshuri nakawusoma gusa kubera igihe cyateganyirijwe kwigisha Ikinyarwanda kiba ari gito kandi abanyeshuri bakaba badafite ibitabo, mbasomera umwandiko nabo bateze amatwi".* Yungamo kandi avuga ko hari igihe arangiza gusoma nk'igika cya kane abanyeshuri bibagiwe ibyo mu gika cya mbere. Yadutangarije ko bimugora kwigisha isomo ryo gusoma abanyeshuri badafite ibitabo.

Hari umwarimu umwe mu watubwiye ko mu gihe ari kwigisha abana gusoma Ikinyarwanda akoresha uburyo bw'udukino no kuririmba umwandiko maze abanyeshuri bagasubiramo. Yagize ati" mbona rwose ubu buryo butanga umusaruro kuko iyo abana basomye umwandiko bawuririmba bituma batibagirwa ibyo basomye n'uburyo babisomye bikababafasha ko mu gihe bari gusoma bagahura n'amagambo n'utwatuzo babonye muri wa mwandiko basomye baririmba bizaborohera". Aha twakwibaza niba bitaba imbogamizi ku munyeshuri nko mu gihe umwrimu ahindutse kandi yakoreshaga uburyo runaka n'umunyeshuri amaze kubumenyera.

Twaganiriye n'abayobozi bashinzwe amasomo bagira kuri bane (4) tubabaza ko iyo basuye abarimu mu ishuri bakitegereza uburyo bakoresha bigisha gusoma Ikinyarwanda niba babona ubwo buryo bukwiye maze bose uko ari bane bahwanye n'ijana ku ijana batubwira ko mugihe k'imyigiye n'imyigishirize umwarimu akoresha uburyo bushoboka bwose kugira ngo abo yigisha basobanukirwe n'isomo. Hari umuyobozi wagize ati "Uburyo bukoreshwa burakwiye rwose n'iyo hari umwarimu dusuye tugasanga akoresha uburyo runaka tumusaba kubunoza kandi n'iyo tubonye budakwiye tumugira inama tugafatanyiriza hamwe kubunoza bitewe n'ibyiciro by'abanyeshuri afite". Hari n'uwagize ati "abanyeshuri baba bafite amateka

n’imibereho bitandukanye ugendeye ku buzima baba babayeho. Niyo mpamvu usanga ikigero cy’umusaruro babona ku ishuri kibs kitsngana bigatuma abarimu bakoresha uburyo butandukanye kugira ngo umunyeshuri asobanukirwe ibyo yigishijwe.

Ibi biragaragaza ko nta buryo shinganwa mu myigire n’imyigishirize yo gusoma ahubwo buri mwarimu ashobora gukoresha uburyo runaka byaba ngomwa akaba yanabuhindura kugira ngo agre ku ntego y’isomo nyirizina. Juel (1996) agaruka ku buryo butandukanye bwo kwiga, aho avuga ko kubera ko uburyo bwo kwigisha gusoma buba butanduakanye, bishobora kugora umwarimu. Koch (2017) abigarukaho nawe kandi aho avuga ko inzira nziza yo gusoma inyura mu ngamba n’uburyo bukoreshwa mu gihe cyo gusoma. Dukurikije ibyavuzwe n’abandi bashakashi ndetse n’amakuru ubu bushakashatsi bwagaragaje, twakwemeza ko buri mwarimu akwiye kwiye gushyiraho ingamba n’uburyo bwa mworohera mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. Ahubwo nk’uko bishimangirwa na UNESCO (2003), abana biga neza mu rurimim kavukire rwabo,ni rwo rufatiro rukomeye rwo kwiga gusoma no kwandika. Bityo bigafasha abana kwitabira neza andi masomo no kuyatsinda. Yungamo kandi ko kwigisha ururimi kavukire mu mashuri y’inshuke no mu mashuri abanza. UNESCO (2003) yongeraho ko bifasha abana gusobanukirwa neza no guteza imbere ubushobozi bwo gutekereza.

## 4.3 IMBOGAMIZI ABANYESHURI BO MU MWAKA WA GATATU BAHURA NAZO MU GIHE K’IMYIGIRE YO GUSOMA URURIMI RW’IKINYARWANDA.

Amakuru yavuye muri ubu bushakashatsi ku mbogamizi zibangamira abanyeshuri n’abarimu mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma atugaragariza ko ku banyeshuri ndetse n’abantu basoje amashuri abanza bashobora kuba batazi gusoma haba hari impamvu zitandukanye ari nazo tugiye kurambura nk’uko tubikesha abakeshwamakuru bagize uruhare muri ubu bushakashatsi:

### 4.3.1 Ibitabo bidahagije:

Mu bakeshwa makuru b’abarimu twaganiriye abagera kuri babiri mu munani bangana na makumyabiri na batanu ku ijana (25%) badutangarije ko mu banyeshuri biga mu mwaka wa gatatu bagera kuri mirongo itatu na batandatu (36) hari ibitabo bibiri (2) gusa bikoreshwa n’umwarimu wenyinye mu gihe k’imyigire n’imyigishirize yo gusoma. Twegereye umuyobozi

w'iri shuri umuyobozi abidutangariza agira ati "Nibyo koko ntabitabo by'Ikinyarwanda dufite gusa turimo kubitegura mu mwaka w'amashuri utaha tuzaba twabiguze kuko dukoresha integanyanyigisho y'igihugu turabyemera rwose ko ntabitabo dufite" twinjiye mu isomero ry'ibitabo kuri iryo shuri dusanga harimo ibitabo by'andi masomo uretse iby'Ikinyarwanda. Ku rundi ruhande hari amakuru twahawe n'abarimu batubwiye ko bafite ibitabo gusa bibitwe ku buryo bw'ikoranabuhanga. Abarimu babiri twabangana na (25%) batubwiye ko bafite ibatabo kandi ko babikoresha bifashishije ibikoresho by'ikoranabuhanga. Badutangarije ko iyo bagije kwigisha bakoresha igikoresho kabuhariwe mu gutubura amashusho (Projector) ubundi abanyeshuri bagasoma ibyo umwarimu yabageneye.

Tukiri kuri iyi ngingo ijyanye n'ibitabo bidahagije ntitwabura kugaragaza ko abanyeshuri iyo bari gusubiramo amasomo mugihe bari mu rugo bibagora. abakoresha ikoranabuhanga nabo batugaragarije ibibazo bahura nabyo iyo umuriro ugiye bari kwiga gusoma ndetse n'uburyo abanyeshuri bakoresha basubira mu masomo mu gihe badafite ibitabo. Mu gihe hari amashuri adafite ibitabo bihagije, ntitwabura kuvuga ko hari aho twasanze ibitabo abarimu bagera kuri bane (4) bahwanye na (50%) batubwiye ko bafite ibitabo bihagije ndetse twinjiye mu isomero ry'iryo shuri dusanga harimo ibitabo bihagije kuko byanganaga n'umubare w'abanyeshuri. Mu gihe abanyeshuri bashobora kumara iminsi itari mike mu biruhuko, abarimu n'abayobozi badutangarije ko bitemewe gutiza abanyeshuri ibitabo ngo babijyane mu biruhuko. Nk'uko Neuma na (Celano, 2001) babivuga, kubura ibitabo cyangwa kutabigira bihagije bigira ingaruka mbi ku bushobozi bw'abana bwo guteza imbere cyane cyane ku bana bafite imiryango ifite amikoro make. Ababashakashatsi babishimangira bahamya ko kwiga gusoma udafite ibitabo (aho usomera) bibangamira ubumenyi bwo gusoma kuko ububiko bw'amagambo asomwa mugihe cyo gusoma ari ibitabo.

### 4.3.2 Igihe kidahagije:

Mu buryo bwagutse igihe gishobora gusobsnurswa nko mu mwaka, mu mezi, mu byumweru, mu minsi, mu masaha cyangwa mu minota, hagamijwe guhuza ibikorwa bikozwe muri icyo gihe. Guteganya igihe k'ibikorwa kimwe no kumenya uko ibikorwa biri bugende, mu gihe runaka (Worrall, (2012) avuga ko igihe ari ingenzi mu buzima bwa burimunsi kubera ko kidufasha gucunga neza ibikorwa byacu no kumenya igihe cyo gukora ibikorwa bitandukanye. Ubu

bushakasshati buragaragaza ko amasaha agenerwa isomo ry'Ikinyarwanda ukurikije n'ibiba bigomba kwigishwa, adahagije nk'uko tugiye kubibona:

Abarimu bose twaganiriye uko ari umunani (8) barindwi muri bo bangana na mirongo inani na karindwi n'ibice bitanu ku ijana (87.5%) bahuriye ku guhamya ko amasaha yagenewe kwigisha Ikinyarwanda adahagije. Umwe muri bo yagize ati "Iyo ngiye kwigisha igihekane gishya bisaba gukoresha ivumburamatsiko, nkashaka amagambo arimo icyo gihekane nkayandika ku kibahu, gusa igihekane nkajya nkitsindagira nkabasaba kuyasoma nange mbasomera nyamara iminota ikarangira hadakozwe imyiozo kuri iryosomo rishya n'iyo ikozwe hari igihe idakosorwa tutabonye uko tugera kuri buri munyeshuri. Si ku bihekane gusa kuko no gusoma ingaruka z'igihe kidahagije ku isomo ry'Ikinyarwanda zirigaragaza nk'uko aba barium barindwi mu munani twabajije batubwiye ko mu gihe cyo gusoma hari igihe amasaha arangira umwandiko utarangiye cyangwa ngo buri munyeshuri abe yasomye. Gusa hari umwarimu umwe mu babajijwe ungana na n'umunani by'ababajijwe watubwiye ko amasaha y'Ikinyarwanda ahagije ahubwo ko umwarimu ariwe ukwiye kugena uburyo ayakoresha nyamara nawe yemeza ko kubera ko mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza harimo amasomo menshi ngo bagakwiye kongera amasaha. Aba barium bose bifuza ko igihe cyagenewe kwigisha Ikinyarwanda ikwiye kongerwa kugira ngo Ikinyarwanda gikomeze kwimakazawa.

National Reading Panel (2000) ibigarukaho yemeza ko abanyeshuri bakwiye kugira umwanya wo gusoma uhagije. Yihanangiriza kandi igatanga inama yo kudashyira imbere uburyo bumwe gusa, ahubwo yemeza uburyo butandukanye kandi bushobora gukemura ibibazo bitandukanye by'abanyeshuri. Ushingiye kuri Raporo ya MINEDUC (2016), Umurage (2021) ugaragaza ko muri iki gihe Ikinyarwanda gikeneye kwigishwa mu mashuri yose, kandi neza ndetse kigahabwa umwanya uhagije.

### 4.3.3 Uruhare rw'ababyeyi:

Ababyeyi bagira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubushobozi bwo gusoma bw'abana babo. Gushishikarira gusomera abana, ndetse no kubaha urugero rwiza rwo gusoma, ni imwe mu nkingi zifasha abana gutera imbere mu myigire yabo. (Harris & Goodall, 2008) avuga ko abana basomerwa kenshi n'ababyeyi babo, ndetse n'anashishikarizwa gusoma, bagira ubumenyi bwiza

bwo gusoma, abagasobanukirwa ibyo basoma, kandi bakunguka amagambo menshi. Abishimangira avuga ko inkunga n'inkurikizi z'ababyeyi bigira uruhare runini ku gukundisha abana gusoma. Ibi rero bifitanye isano n'intsinzi mu myigire yabo (Harris & Goodall, 2008).

Mu gihe ababyeyi baba bafite uruhare rukomeye mu gutoza abana babo gusoma, bagasobanukirwa, n'ubutumwa buba bukubiye mu nyandiko n'ibitabo bitandukanye, by'umwihariko ururimi rw'Ikinyarwanda nk'uko tubikesha (Téllez & Waxman, 2006), Abarimu twaganiriye cyane cyane abigisha mu mashuri ya Leta batubwiye ko mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda, bahura n'imbogamizi yo kuba hari ababyeyi batererana abana mu myigire yabo bakabiharira umwarimu gusa.

Hari uwagize ati *"*Ibibazo byo mu miryango nko kuba abayi bahora mu ntonganya n'amakimbirane no kuba hari ababyeyi usanga baba batabana (Baratandukanye) bigira ingaruka ku bana no mu gihe k'imyigire n'imyigishirize ukabona abana bahangayitse". Yongeyeho kandi ko hari igihe abwira umwana gusoma akabona ko umwana y'ikanze bigaragara ko nubwo aba ari mu ishuri ibitekerezo bye biba biri ahandi". Bakomeje batubwira ko n'ababyeyi bitwa ko babana usanga bahangayikishijwe no guhihibikanira imiryango bigatuma abana birwanaho mu myigire yabo. Umwe mu barimu twaganiriye ukorera mu ishuri rya Leta yagize ati "Ababyeyi benshi bava mu rugo abana bagisinziriye (batarabyuka), bakongera kugaruka mu rugo abana baryamye ndetse banasinziriye".

Abakeshwamakuru bose twaganiriye bahuriza ku kuba ababyeyi bagomba gufata iya mbere mu gukurikirana no kwita ku myigire y'abana. Hari undi mwarimu wigisha Ikinyarwanda mu ishuri rya Leta watubwiye ko hari abayeyi usanga batazi gusoma, Ikinyarwanda n'abasomye ugasanga imisomere yabo itanoze bikaba byagira ingaruka ku bana babo kubera ko iyo badakurikiranwa n'ababyeyi ngo babafashe kunoza imisomere y'ururimi rw'Ikinyarwanda, imisomere yabo ishobora kutanoga, mu gihe ababyeyi badafatanyije n'abarimu kurera.

Ku rundi ruhande ko *hari amashuri* ***kizira kikaziririzwa gukoresha Ikinyarwanda mu kigo*** umwarimu umwe mu bo twaganiriye yagize ati "*Muri iki kigo nta munyeshuri wemerewe kuvuga Ikinyarwanda kubera ko n'iyo ababyeyi baganirije abana batashye bakumva batavuga Icyongereza ndetse bakumva mu biganiro byabo bakoresha Ikinyarwanda baraduhamagara nk'abarimu bakatubwira ko bazanye abana babo ngo bige Icyongereza ko Ikinyarwanda atari*

*ingenzi cyane".* Ibi biba kandi mu gihe nta bushakashatsi bwakozwe ngo bwerekane ko guha agaciro no kwimakaza ururimi kavukire bibangamira imyigire n'imyigishirize y'izindi ndimi. Ahubwo,

### 4.3.4 Imyumvire y'abayobozi, abarimu n'ababyeyi

Abyobozi bane (4) twaganiriye, babiri muri bo bangana na mirongo itanu ku ijana (50%) batubwiye ko **bitemewe gukoresha Ikinyarwanda mu busitani bw'ishuri yemwe ko n'igihe bari mu ishuri bategereje umwarimu mu ishuri** ko uteshutse akavuga Ikinyarwanda abihanirwa kandi ko buri munyeshuri ari ijisho rya mugenzi we. Ni mugihe ku ruhande rw'abarimu abarimu bose twaganiriye batubwiye ko hari abarimu bagezi babo usanga batesha agaciro ururimi rw'Ikinyarwanda bavuga bashaka kumvikanisha ko ibyo bize kandi bigisha ari byo bifite agaciro. Abayobozi batatu muri bane twaganiriye batubwiye ko hari ababyeyi bakunze kubagenderera ku ishuri bababaza impsmvu abana bakoresha Ikinyarwanda ndetse bakabasaba gushyira imbaraga mu rurimi rw'Icyongereza bitwaje ko Ikinyarwanda bakizi. Gusa umwe muri abo bane (4) ungana na makumyabiri ku ijana (25%) by'abayobozi babajijwe yatubwiye ko kuba umwana yavuga Ikinyarwanda ku ishuri yaba mu gihe akina n'abandi, basangira cyangwa se bategereje umwarimu bitabangamira ayandi masomo ndetse n'izindi ndimi. Yatubwiye ko iyo asuye umwarimu cyangwa yinjiye mu ishuri agerageza gukoresha Icyongereza agmije kureba ko nacyo bakizi kandi ko asanga bakizi. Yemeje ko kuba umwana avuga Ikinyarwanda ku ishuri ndetse no mu ishuri bitabangamira izindi ndimi. N'ubwo bimeze bitya ariko aho hari abayobozi bashyiraho ibihano bihabwa abanyeshuri n'abarimu bakoresha kandi bakavuga Ikinyarwanda, ni mu gihe (Leithwood & Sleegers, 2006) ahamya ko abayobozi b'amashuri bafite uruhare runini mu kuzamura ubumenyi bwo gusoma bw'abanyeshuri mu mashuri abanza. Yerekana kandi ko abayobozi bakwiye gutanga ibikoresho bikenewe, no kuzamura ubumenyi bw'abarimu binyuze mu mahugurwa. Uyu muhanga kandi avuga ko abayobozi baba bagomba kugenzura ubu ryo abanyeshuri batera imbere mu mesomere yabo. Ikindi ni uko baba bakwiye kongera urwegu rw'ubufatanye n'abarimu ndetse bakagirana ubufatanye n'ababyeyi kugira ngo bafashe abana mu iterambere ry'ubumenyi bwo gusoma (Leithwood, 2006).

### 4.3.5 Abarimu bigisha Ikinyarwanda batarakize:

Abarimu twaganiriye bose bagera ku munani bangana n'ijana ku ijana (100%) by'abakeshwamakuru bahuriye ku kuba hari igihe umwarimu aba yigisha nk'amasomo ajyanye n'ibyo yize nyamara agahabwa kwigisha isomo ry'Ikinyarwanda mu rwego rwo kuzuza umubare w'amasaha asabwa ku ngengabihe y'umwarimu. Hari umwaririmu wagize ati "Nge nize indimi kandi niga n'uburezi mu mashuri yisumbuye ni nayo mpamvu nigisha isomory'Ikinyarwanda, gusa hari bamwe mu barimu usanga bigisha Ikinyarwanda kandi bataranakize kandi batarize n'uburyo bwoku kigisha. Ibi bikorwa n'abayobozi baba bashaka kubuzuriza amasaha ndetse hitwajwe ko buri Munyarwanda wese wize atananirwa kwigisha Ikinyarwanda".

Yakomeje atubwira ko Ikinyarwanda kigomba kwigishwa n'abarimu bakize kandi bize n'uburyo bwo kukigisha. Ati **"Umutoza ntatoza icyo iri cyo, atoza icyo izi".** Ahubwo Umutoza atanga inama, ashyiraho ingamba, kandi agafasha abatozwa kugira ubushobozi bwo kugera ku ntego zabo zaba ari iz'imikino, imyigire cyangwa indi mirimo bakora. Imfashanyigisho n'inyigisho z'umutoza zigamije iterambere ry'ubushobozi bw'umutozwa mu buryo bwagutse (Lyle, 2002).

### 4.3.6 Itonesha n'ubusumbane bw'indimi mu mashuri:

Muri ubu bushakashatsi abakeshwamakuru b'abarimu twaganiriye batubwiye ko ku bigo bakoraho ndetse n'imyaka bigishamo babona indimi zidahabwa agaciro kangana mu myigishirize. Abagera kuri babiri bahuriye ku kuba bigisha mu mashuri yigenga, badutangarije ko ku ishuri bakoraho hari "Ubusumbane bw'indimi" umwarimu umwe mu bo twaganiriye wigisha muri rimwe mu mashuri yigenga riri mu yo twakoreyeho ubushakashatsi yagize ati: "*Hano ku ishuri abanyeshuri ndetse n'abarimu dukoresha Icyongereza kuva mu banyeshuri bageze ku ishuri kugeza batashye. Mu ihuriro rya mugitondo(assamblemet) hakoreshwa Icyongereza gusa tukajya mu mashuri amasomo n'ibiganiro byose bikorwa mu Cyongereza kugeza dutashye Ikinyarwanda gikoreshwa gusa mu guhe k'isomo ry'Ikinyarwanda gusa'.* Yakomeje adutangariza ko bidakwiye kumva ko umwana yahanwa ngo ni uko yavuze Ikinyarwanda.

Umuyobozi umwe mu bayobozi bashinzwe amasomo mu mashuri yigenga by'abayobo zi twaganiriye yatubwiye ko bagerageza gushyira imbaraga mu kumenya ururimi rw'Icyongereza

aho bashyizeho amahuriro yo gufasha abanyeshuri kwisanzura no kuvuga bashize amanga mu Cyongereza ndetse ko batanga ibihembo ku bana baba bahize abandi mu kuvuga Icyongereza. Twabajije abayobozi bose bashinzwe amasomo ku bigo twakoreyeho ubu bushakashatsi niba hari amatsinda ndetse n'amarushanwa yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda bashyiraho tubabaza niba hari ibihembo bajya bagerera abanyeshuri baba barusije abandi mu gusoma no kuvuga Ikinyarwanda neza nyamara batubwiye ko nta matsinda(Clubs) yo gusoma Ikinyarwanda ko ndetse nta n'amarushawa yo gusoma Ikinyarwanda ikindi kandi ngo nta biganiro mpaka bijya bitegurwa mu Rurimi rw'Ikinyarwanda ndetse nta n'ibihembo bijya bihabwa umunyeshuri uba wahize abandi mu gusoma no kuvuga Ikinyarwa.

Ibi siko byagakwiye kuba bimeze nk'uko UNNESCO (2003), yemeza ko kumenya gusoma ururimi kavukire ari ingenzi cyane mu gihe wiga izindi ndimi.  Ivuga ko kandi kuba umunyeshuri azi ururimi rwe kavukire bimufasha gushyiraho imirongo migari y'imikoreshereze y'indimi, ndetse n'imyubakire y'amagambo n'interuro ibirero ni byo bituma abanyeshuri bakoresha ubumenyi bwabo bwo mu rurimi kavukire mu myigire y'ururimi rushya. UNESCO ishyigikira kwigisha hakoreshejwe ururimi kavukire n'ikiciro cya mbere cy'abanza, kuko bifasha mu buryo bworoshya kwiga izindi ndimi (UNESCO,2003).

#### 4.3.7 Imyimurirwe y'ababyeshuri:

Kwimura abanyeshuri mukikiro kimwe bajya mu gikurikiraho, hashingirwa ku musaruro wabo mu mashuri no ku bushobozi bwabo bwo kumenya ibyo basabwa. Uko kwimura bigenda kenshi bijyana n'ibipimo ndetse n'ibizamini bigenda bikorwa bikagaraza niba abanyeshuri babashije kubona ubumenyi n'ubushobozi bukenewe kugira ngo babashe guhangana n'ibikurikiraho. Kwimura abanyeshuri iyo bikoranywe ubwitonzi n'ubushishozi, bituma bagira umwete n'ubushake mu myigire yabo (Darling-Hammond, 2010).

Nyamara, muri ubu bushakashasti hari abarimu barindwi twabajije bahurije ku kuba hari ikibazo cy'abanyeshuri bava mu mwaka wambere batazi gutandukanya inyajwi n'ingombajwi**,** bakajya mu mwaka wa kabiri aho bigishwa ibihekanire y'ingombajwe (Ibihekane) mugihe baba bataazi no gutandukanya inyajwi n'ingombajwi nyuma bakisanga mu mwakawa gatatu aho biga ibihekane bigizwe n'ingombajwi kuva kuri eshatu (3) kugeza ku ngombajwi eshanu. Muri uko

kugera mu mwaka wa gatatu biba biteganyijwe ko batozwa gusoma badategwa, basesekaza kandi bubahiriza utwatuzo uko bikwiye. Umwarimu ugera ku (8%) by'abo twaganiriye yigisha muri rimwe mu mashuri ya Leta twaganiriye yatubwiye ko hari banyeshuri bajya mu mwaka wa gatutu w'amashuri abanza batazi neza ibyo mu wa kabiri ati "Mugihe umwana yimutse atara cengerwa n'ibyo mu mwaka aba yigagamo biramugora cyane kubera ko kwiga ni uruhererekane rwo kuva mu mwaka ndetse n'ikiciro ujya mu kindi.

Avuga ku ngaruka ziterwa no kwimura abanyeshuri nyamara badafite amanita akwiye ngo abe yabemerera kwimuka ngo bakomeze guhatanira kwimuka mu kiciro gikurikiyeho, Smith (2015), avuga ko bigaragaza ko abana bakomeza kuzamurwa mu byiciro bikurikiyeho hatitawe ku bushobozi n'imitsindire yabo yemeza ko ibi bishobora kugira ingaruka ku myigire yabo kubera kwimurwa kandi bafite icyuho mu bu menyi bw'ibanze. Smith (2015) kandi akomeza avuga ko bigora abarimu kubigisha neza mu byiciro bikurikiyeho.  Ikindi ni uko bishobora gutera abana kudakurikirana amasomo neza no kugabanuka kw'imitsindire yabo. Johnson (2013) yunga mu rya bagenzi be aho yemeza ko kwimura abanyeshuri badafite amanita adahagije bigira ingaruka zikomeye ku myigire yabo no ku musaruro w'uburezi muri rusange. Asobanura izo ngaruka bahura nazo, avuga ko harimo kuba abo banyeshuri baba bazamurwa mu kiciro nta bushobozi buhagije bwo gukurikira amasomo y'icyo kiciro, bakabatera kugira icyuho mu bumenyi.ibi bishobora gutera ikibazo cyo kumva ko batishoboye mu myigire, kugabanuka kw'imitsindire ndetse n'ubwiyongere bw'umubare w'abata ishuri (Johnson, 2013).

#### 4.3.8 Ubucucike mu ishuri:

Mu gihe Leta y'u Rwanda yihaye intego yo kugabanya ubucucike mu byumba by'amashuri aho yifuza ko nibura buri cyumba k'ishuri cyagombye kuba kigirwamo n'abanyeshuri bagera kuri mirongo ine na batanu (45) bibiri mu bigo twakoreyeho ubushakashatsi twasanze hari ibyumba bitatu byigwamo n'abanyeshuri **(A)=57, (B)=62 (C)=67** abarimu bigisha muri mashuri batubwye ko bibagora gukurikirana buri mu nyeshuri mu gihe baba bari gusiganwa n'amasaha. Mu ishuri twinjiyemo tugasanga harimo abanyeshuri (62) twaganiriye n'umwarimu wigishamo Ikinyarwanda maze agira ati" *biratugora kwita kuri buri mwana kubera ko tuba dusiganwa no kurangiza ikigwa kandi bitewe n'igihe kiba kidahagije, hari igihe tugerageza kugendana n'abagenda gusa iyo bidukundiye tugera geza gufasha buri wese ariko nyine urumva ko mu gihe*

*cyo kwigisha gusoma nk'umwandiko buri munyeshuri ntibyakunda ko soma".* Yakomeje asaba ko bikunze ubucucike bukagabanuka abanyeshuri barushaho kwiga neza ndetse n'umwarimu byarushaho ku mworohera. Eugene (1997) ashimangira ko ishuri ririmo umubare muke w'abanyeshuri ritsindisha kurusha iririmo abanyeshui benshi. Yungamo kandi ko nibura icyumba k'ishuri gikwiye kuba nibura kirimo abanyeshuri cumi na barindwi (17) byaba bikabije ntibarenze 25. Uyu mushakashatsi ahamya ko iyo mu cyumba k'ishuri harimo umubare mwinshi w'abanyeshuri bibera imbogami zi umwarimu n'abanyeshuri.

Ku rundi ruhande twegereye umuyobozi umwe mu babajwijwe ungana na (25%) atubwira ko abanyeshuri Atari benshi akurikije n'abo bari bafite mu myaka ibiri (2) ishize. Yagize ati "Mu *myaka yabanjirije uyu turimo wasangaga nko mu cyumba k'ishuri kirimo abanyeshuri bari hejuru ya mirongo icyenda, hari naho wasangaga abanyeshuri bagera mu ijana mu cymba kimwe k'ishuri! Ubu rero sinavuga ko hari ubucucike bukabije n'ubwo buhari*". Gusa uyu muyobozi nawe ntanyuranya n'abarimu ko nibura byuri cyumba k'ishuri cyagombye kuba kirimo nibura abanyeshuri (45. Ni mugihe ku rundi rukande abayobozi babri mubo twaganiriye bangana na (50%) bahuriye kanndi ku kuba bayobora amashuri yigenga nta kibazo cy'ubucucike bw'abanyeshuri bafie ishuri ririmo bake ririmo abanyeshuri (36) iririmo benshi ririmo abanyeshuri (43).

UNESCO (2019), muri raporo muzamahanga y'uburezi igaruka ku burezi, yagaragaje ko umubare w'abanyeshuri mu ishuri, ugenwa hashingiwe ku giihugu, urwego rw'uburezi n'ibikoresho Bihari. Nubwo UNESCO ivuga ibi ariko, abahanga mu burezi nk'uko tubikesha iyi nyandiko, ibyumba by'ishuri ririmo abanyeshuri bari hagati ya makumyabiri (20) na mirongo itatu (30) bifasha mu kunoza imyigire. Ni mu gihe mu bihugu byateye imbere buri cyumba k'ishuri kiba kigiwe n'ibura n'abanyeshuri 25 kuri buri mwarimu umwe. Nyamara mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere umubare w'abanyeshuri ushobora kurenga mirongo ine (40) cyangwa mirongo itanu (50) bitewe no kubura ubushobozi. UNESCO isaba ko umubare w'abanyeshuri mu ishuri wagabanuka uko bishoboka kugira ngo uburezi bube bufite ireme, n'ubwo yemera ko uwo mubare ushobora gutandukana bitewe n'imiterere y'igihugu (UNESCO, 2019).

## IMBOGAMIZI ABARIMU BAHURA NAZO MU GIHE K'IMYIGISHIRIZE YO GUSOMA IKINYARWANDA

### 4.4.1 Akinjizo

Abarimu bagira uruhare rukomeye mu guteza imbere ubumenyi bw'abanyeshuri mu gusoma. Uruhare rwabo rurimo gutanga amasomo ajyanye no gusobanura amagambo (phonics), amagambo mashya (vocabulary), no gusobanura ibyo basomye (comprehension strategies). Banafasha abanyeshuri kubona urugero rwiza rwo gusoma, bagatanga ibikoresho byinshi bijyanye no gusoma kandi bakubaka ahantu harangwa n'ubumenyi bwo gusoma. Abarimu banatera inkunga abanyeshuri bafite intege nke mu gusoma binyuze mu bikorwa byihariye byo kubafasha (Morrow & Gambrell, 2011). Tugiye kureba imbogamigamizi abarimu bahura nazo mu gihe k'imyigishirize yo gusoma nk'uko zagaragajwe n'ubu bushakashatsi:

### 4.4. 2 Amahugurwa agenerwa abarimu adahagije

Gutoza cyangwa guhugura bisobanuye igikorwa cyo guteza imbere ubumenyi, ubumenyi ngiro n'ubushobozi mu bantu kugira ngo barusheho kunoza imikorere mu mirimo runaka. Ibi bikorwa bigamije gutanga amasomo no gukoresha imbaraga mu rwego rwo kuzamura ubushobozi bw'umuntu no kumutegura ku nshingano runaka (Noe,2017).

Ubu bushakashatsi amakuru bwakusanyije agaragaza ko abarimu bigisha ururimi rw'Ikinyarwanda mu kiciro twakoreyemo, bazitirwa no kutabona amahugurwa ahagije. Ni mugihe kandi hari abarimu bigisha Ikinyarwanda muri iki kiciro nyamara batarakize. Nk'uko rero byagaragajwe, mu gihe abarimu bigisha nyamara batarize uburyo bwo kwigisha (abarimu bize mu mashuri nderabarezi). Iyo umwarimu ahawe kwigisha Ikinyarwanda nyamara atarize kukigisha, bimutuma agorwa no kwigisha iryo somo kuko aba atarize kuryigisha. Cattle (2016) avugako abarimu bakwiye guhabwa amahugurwa mu rwego ro gukarisha ubumenyi. Ni mugihe kandi ubu bushakashatsi bwerekanye ko hari bamwe mu barimu bahabwa kwigisha Ikinyarwnda nyamara batarakize ahubwo ugasanga hari abayobozi babaha kukigisha mu rwego rwo kubuzuriza amasaha ari ku ngengabihe. Richards (2005) avuga ko amahugurwa ari ingenzi cyane ku barimu b'indimi kuko abafasha kunguka ubumenyi, ubumenyingiro n'ubushobozi mu myigishirize y'indimi. Akomeza avuga ko amahugurwa afasha abarimu gukomeza kuvugurura

no kwiyungura uburyo bushya bwo kwigisha, kunoza ubushobozi bwo guhuza inyigisho n'ibikenewe n'abanyeshuri batandukanye, bigatuma bumva neza imiterere yo kwiga ururimi. Ikindi ni uko amahugurwa akangura ikizere n'umwete mu barimu bigatuma imyigire y'abanyeshuri n'ubushobozi bwo kwigisha mu ishuri biba byiza kurushaho (Richards & Farrell, 2005). Igaragaza akamaro k'amahugurwa ku barimu bigisha ururimi kavukire bo mu kiciro cya mbere cy'amashuri abanza, (UNESCO,2003) mu rwego rwo kunoza ireme ry'uburezi abarimu bigisha ururimi kavukire bagomba guhabwa amahugurwa. Igaragaza kandi ko mbere yo gutangira amashuri ari ngombwa kugira ngo abanyeshuri bagire ubumenyi bwo gusoma no kubara. Yongeraho ko guhugura abarimu mukwigisha mu rurimi kavukire bibazamurira ubushobozi bwo gutanga inyigisho zifite ireme, bikazamura imitsindire y'abanyeshuri mu mu ndimi zabo bwite ndetse no mu yandi masomo. Hari abarimu bashobora kuba badafite amahugurwa ahagije mu buryo bwo kwigisha gusoma (Gould, 2009). Ni mu gihe (UNESCO, 2016) ishimangira ko kwigisha abanyeshuri mu rurimi rwabo bibongerera ubushobozi bwo kwiga mu zindi ndimi neza. UNESCO kandi iboneraho gusaba gushyira imbaraga mu mahugurwa y'abarimu, bagahabwa ubumenyi bwo kwigisha bakoresheje indimi kavukire mu rwego rwo gushyigikira uburezi bunoze.

### 4.4.3 Umubare munini w'abanyeshuri

ububushakashatsi bwgaragaje ko kuba ishuri ririmo abanyeshuri benshi bigora umwarmu gukuriikirana umwe umwe mu gihe k'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda ibisubizo batanzwe n'abakeshwamakurubatandukanye bahurije kukuba igihe mu cymba k'ishuri harimo umubare munini w'abanyeshuri bibera imbogamizi umwarimu kubera ko agorwa no kubakurikirana. Umwe mu barimu twaganiriye yabitubwiye muri aya magambo agira ati:

"*Mu gihe ndi kwigisha isomo ry'ikinyarwanda nkunze guhura n'ikibazo cyo kuba mu ishuri haba harimo abanyeshuri benshi. Ikibazo nyamukuru mpura nacyo cyane mu gihe cyo gusoma umwandiko ni uko ntabona uko nkurikirana buri mwana cyane ko n'ubushobozi bwabo ndetse n'ubumenyi baba bimukanye buba butangana. Ikindi ni abanyeshuri nyeshuri baba bafite imyitwrire itandukanye, iyo ari benshi bamwe barangaza abanda bigatuma n'uwari gukurikira arangara mugihe umwarimu ari kumasomera".* Twinjiye mu ishuri r'uyu mwarimu mu gihe yari agiye kwigisha gusoma umwandiko, dusanga harimo abanyeshuri mirongo itanu n'umunani

kandi ngo hari hasibye batandatu. Bivuze ko iri shuri ririmo abanyeshuri mirongo itandatu na bane.

UNESCO (2019) yemeza ko umubare ukwiye muri buri cyumba k'ishuri ushobora gutandukana bitewe n'imiterere y'ibihugu. Ihamya kandi ko uyu mubare ukwiye kugabanuka ndetse ko ari yo nzira iganisha ku ireme rw'uburezi (UNESCO, 2019). Abigarukaho Cattle (2016) yemeza ko kugenzura no kuyobora abana benshi bishobora gutuma bigora mu gukurikirana buri mwana no gufasha abanyeshuri bagira ibibazo mu gusoma. Harmer (2007) yunga mu rya bagenzi be aho avuga ko umubare munini w'abanyeshuri mu ishuri ushobora kubera imbogamizi zikomeye abarimu b'indimi mu kwigisha gusoma no gusobanukirwa inkuru (umwandiko). Yongeraho ko gufata igihe gihagije cyo kwita kuri buri munyeshuri ngo umwarimu abe yabageraho bose bigorana bityo umwarimu akagorwa no kugenzura iterambere ry'abanyeshuri n'imizamukire y'ubushobozi bwabo bwo gusoma no gusobanukirwa. Abanyeshuri kandi bashobora kutitabira bihagije igihe umubare ari munini, bigatuma imyigire n'ubushobozi bw'umwarimu mu gutanga amasomo bifatwa nabi (Harmer, 2007).

#### 4.4.4 Igihe kidahagije

mu ikusanya n'isesenguramakuru, ubu bushakashasi bwagaragaje ko isomo ry'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu rihabwa umwanya udahagije bitewe n'byateganyjwe kwigishwa bikabangamira umwarimu mu gihe k'imyigishirize yo gusoma. Abarimu umunani bose twaganirikye batubwiye ko hari nk'igihe bagorwa n'umwanya Ikinyarwanda gihabwa. Umwe muri bo yigisha mu ishuri ryigenga yadutangarije ko hari nk'igihe aba atangiye kwigisha umwandiko kubera ubwinshi bw'abanyeshuri mu ishuri nk'uko twabivuze haruguru, bigatuma amasaha agera adasoje isomo.

Abayobozi twaganiriye na bo muri umu bushakashatshi, bose bahurira ku kuba ko abasaha y'Ikinyarwanda adahagije. Raporo y'uburenganzira bw'uburezi ku isi, UNESCO (2021) nubwo idasobanura umubare w'amasaha mu cyumweru agomba kugenerwa mu kwigisha ururimi, kugira ngo ibice bijyanye n'ubushobozi bukenewe kigerweho, hakwiye kongerwa amasaha yo kwigisha ururimi. Iyi raporo kandi igaragaza ko akamaro k'uburezi bufite ireme no kuba ururimi ari ingezi mu gutsinda andi masomo, inashimangira kandi ko kugena umubare w'amasaha yokwigisha ururimi bikwiye kugendana no kwita ku bumenyi bukenewe mu rurimi kugira ngo

babashe kwinjira mu zindi nzego z’amasomo.  Ehri (2001) avuga ko Umuvuduko w’amasomo mu mashuri ashobora gutuma igihe kigenewe kwigisha gusoma kiba gito, cyane cyane ku bana bafite ibibazo mu gusoma.

### 4.4.5 Ibitabo bidahagije

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko ibitabo mu mashuri abanza by’umwihariko ikiciro cya mbere ari na cyo ububushashatsi bwakorewemo, bidahagije. Abarimu bose twaganiriye batugaragarije ko ibitabo bidahagije mu gie hari ishuri twasanze ntabitabo bagira. Umwarimu umwe mu bo twaganiriye kuri iri shuri, yatubwiye ko yigisha mu mwaka wa gattu mu ishuri ririmo abanyeshuri mirongo itatu na batandatu nyamara mu ishuri nta gitabo na kimwe cyo gusoma mu mwaka wa gatatu gihari. Yagize ati *“Mu ishuri nigishamo ryo mu mwaka wa gatatu harimo abanyeshuri mirongo itatu na batandatu. Birangora cyane kuko iki kigo nta gitabo icyo ari cyo cyose cyo gusoma mu rurimi rw’Ikinyarwanda gihari. Iyo ndi kwigisha gusoma umwandiko ngerageza gusomera abanyeshuri bateze amatwi nyuma nkababaza ibyo bumvise ariko kuba ntaho baba bafite ho gufatanya nange gusoma, bituma abanyeshuri batabasha gusoma igihe bazaba bahuye n’umwandiko mu gihe runaka.*

Ku rundi ruhande abarimu bo mu mashuri ya Leta bose twaganiriye, bahuriza ku kuba initabo bidahagie. Umwe muri bo yagize ati *“iyo ndi kwigisha gusoma umwandiko, kubera ko ibitabo byo gusoma biba bidahagije saba abana bakegeranya intebe maze bagasoma. Imbogamizi rero mpura nayo ni uko mu hwegeranya no gushyira abana mu matsinda kari igihe bitwa umwanya kandi n’ubusanzwe uwo tuba dufite uba udahagije. Mu byukuri dukeneye ibitabo bihagije byo gusoma”.*

Agaragaza imbogamizi abarimu bahur ana zo mu gihe k’imyigishirize yo gusoma mu gihe nta bitabo ndetse n’ibikoresho bihamye, mu gihe kandi nta nyandiko zitandukanye no kongerwa kw’igihe, Smith (2022) avuga ko abarimu b’indimi bahura n’imbogamizi nyinshi mu kwigisha gusoma mu gihe ntabitabo baba bafite. Imbogamizi ikomeye ni ukubura ibikoresho byandite (ibisomwa) bigora cyane mu gushyiraho gahunda ihamye kandi itajegajega.  Avuga ko kandi ko kutagira ibitabo bituma abanyeshuri batabona uburyo bwo kumenyera andi moko atandukanye y’inyandiko n’ibitekerezo, bikaba byabangamira iterambere ryagura ubumenyi n’ubushobozi bwo gusoma.

Agaragaza indi mbogamizi ijyanye hari abarimu bashishikazwa no gushaka ibikoresho nk'impapuro nyamara ntibibikika nk'ibitabo bisanzwe (Smith, 2022). Isobanura ku mbogamizi abarimu bigisha indimi mu mashuri abanza, UNESCO (2017) ivuga ko kubura ibikoresho byo kwifashisha cyo kwigisha gusoma, bishobora kubera abarimu imbogamizi mu guha abanyeshuri isomo rigendanye n'urwego rwabo, bagatera icyuho mu buryo bwo kwigisha neza mu gihe abanyeshuri baba bafite ubumenyi butandukanye. UNESCO igaragaza kandi ikifuza ko mu gihe hari ibikoresho mfashanyigisho bihagije birimo nk'ibitabo, n'izindi nyandiko zisomwa, byifashishwa mu rwego rwo kunoza imyigishirize yo gusoma kand ko abanyeshuri bagomba guhabwa amahirwe angana mu gihe k'imyigishirize.

### 4.4.6 Uruhare rw'indimi mvamahanga

Kuba ikinyarwanda kitigishwamo, nubwo kigwa nk'isomo, ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hari ibigo bishyira imbaraga mu zindi ndimi (Icyongreza n'Igifaransa) hakirengagizwa agaciro kagomba guhabwa Ikinyarwanda n'ururimi rw'Igihugu kandi rukaba na kavukire ku banyarwanda bavukira mu rwanda. Ibi bigaragazwa n'amakuru twahawe n'abakeshwamakuru twaganiriye, aho batugaragarije ko kizira kikazaririzwa gukoresha ikinyarwanda igihe cyose umwarimu n'umunyeshuri bageze ku ishuri uretse mu isomo ry'Ikinyarwanda gusa. Ibikandi byiyongeraho n'ibihano bihabwa abanyeshuri bagerageza gukoresha Ikinyarwanda ndetse n'umwarimu ucitswe akaba yakivuga cyangwa akagikoresha, arihanangirizwa.Ibi biba mu gihe (Mandela, 2008) avuga ko, iyo ubwiye umuntu mu rurimi yize mu ishuri, ibbyo umubwiye bimusigara mu mutwe. Ariko iyo umubwiye mu rurimi rwe kavukire, ibyo umubwiye bimusigara ku mutima.

Avuga ku isumbanyandimi mu Rwanda, (Rusanganwa, 2012) avuga ko gutinda ku ndimi mvaburayi, bituma ikibazo k'Ikinyarwanda kibagirana mu mirimo ya politike y'indimi mu Rwanda, ndetse akavuga ko kuba Ikinyarwanda ari ururimi kavukire rw'abanyarwanda bose, biba nk'urwitwazo rwo kumva ko abanyarwanda bose bakizi. Ashingiye ku ibwiriza ry'imyanzuro y'inama y'abaminisitiri yo kuwa 8 Ukwakira 2008 ryatumye icyongereza kiba ururimi rukoreshwa mu mashuri ku nzego zose rigira riti: *"Inama y'abaminisitiri yasabye Minisitiri w'Uburezi gushyira mu bikorwa gahunda yihutirwa yo kwigisha mu cyongereza mu mashuri yose abanza, ayisumbuye n'amashuri makuru ya leta n'afashwa na guverinoma,*. Uyu mushakashatsi yemeza ko kuba ntakivugwa ku Kinyarwanda, nk'aho icyongereza cyahise kiba

ururimi rukoreshwa mu burezi rwonyine mu Rwanda, bishobora kubera imbogamizi ururimi rw'Ikinyarwanda.

Nk'umshakashatsi wasesenguye imbogamizi y'ubusumbanyandindimi mu shuri, aho Ikinyarwanda kidahabwa agaciro ku rwego rw'uko uhari amashuri ashyiriraho ib ihano abarimu n'abanyeshuri bakoreska Ikinyarwanda, ndemeranya n'uyu mu shakashatsi ko niba nta gikozwe ngo Ikinyarwanda gikomeze kugira umwanyantakuka mu biganiro abanyeshuri n'abarimu bagirana mu gihe k'imyigire n'imyigishirize, kumeya kugisoma n'ubundi bumenyi bujyanye na cyo byagora abarimu ndetse bikabangamira n'andi.

# UMUTWE WA GATANU: UMWANZURO RUSANGE N'IBYIFUZO

## 5.1 Umwanzuro rusange

Ubu bushakashatsi bwiswe **"Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w' ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza: Urugero rw'akarere ka Gasabo"** bwari bufite intego yo kugaragaza imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda n'uburyo bukwiye bwakwifashishwa mu kunoza imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Bwari bufite kandi intego zihariye zikurikira: (1) Kwerekana uburyo abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu w'amamashuri abanza bakoresha bigisha gusoma mu ururimi rw'Ikinyarwanda. (2) Kugaragaza imbogamizi abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu bahura na zo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda. (3) kugaragaza imbogamizi abarimu bahura nazo mu gihe k'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda. Ku byerekeye intego ya mbere yari igamije kwerekana uburyo abarimu bigisha mu mwaka wa gatatu w'amamashuri abanza bakoresha bigisha gusoma mu ururimi rw'Ikinyarwanda bwerekanye ko mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda abarimu bakoresha uburyo butandukanye bitewe n'ikiciro ndetse n'ikigero cy'abanyeshuri bigisha. Ubushakashatsi bwagaragaje ko mu gihe cyo kwigisha gusoma abarimu benshi bakoresha uburyo bwo kubanza bagatera amatsiko, bakabaza ibibazo mbere yo gusoma, bagasaba gusoma umwe umwe, bagasoma bagendeye uko bicaye mu ishuri ni ukuvuga mu matsinda hanyuma umwarimu akabasomera ubundi bagasubiramo. Kuri iyi ngingo kandi ubushakashatsi bwagaragaje ko hari abarimu basomera abanyeshuri bateze amatwi nyamara abanyeshuri ntibababashe gusubiramo cyane ko mu gihe umwarimu ari kubasomera, ntaho bo baba barebera ngo bagendane n'umwarimu mu gihe cyo gusoma kuko nta bitabo by'Ikinyarwanda bafite mu gihe abarimu batandatu mu munani twaganiriye, batwemereye ko nubwo bafite ibitabo by'Ikinyarwanda bidahagije bitewe n'umubare w'abanyeshuri.

Ku byerekeye intego ya kabiri yari igamije kugaragaza imbogamizi abanyeshuri bo mu mwaka wa gatatu bahura na zo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, muri ubu bushakashatsi byaragaragaye ko mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, abanyeshuri n'abarimu bahura n'imbogamizi zitandukanye zirimo; Ibitabo bidahagije aho ubu

bushakashatsi bwerekanye ko hari amashuri atagira ibitabo mu gihe bagendera ku nteganya nyigisho y'Ikinyarwanda nyamara ntabitabo bafite byo kwigiramo Ikinyarwanda. Ubushakashatsi kandi bwekanye ko mu mwaka wa gatatu w'amashuri abanza igihe cyagenewe kwigisha no kwiga Ikinyarwanda, kidahagije ugendeye ku biba byarateganyijwe kuwiga no kwigisha.

Indi mbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda yagaragajwe n'ubu bushakashatsi ni ***imyumvire y'ababyeyi*** byagaraye ko hari ababyeyi badakurikirana imyigire y'abana babo go bafatanye n'abarimu kwita ku myigire y'abana babo. Ku rundi ruhande ubushakashatsi bwerekanye ko hari ababyeyi bita ku myigire y'abana babo nyamara bafite imyumvire y'uko Atari ngombwa kwiga Ikinyarwanda. Aba babyeyi ngo bashimishwa no kumva abana babo bavuga neza Igifaransa n'Icyongereza bakumva ko Ikinyarwanda Atari ngombwa.

Ubu bushakashatsi kandi bwagaragaje ko *hari abnyeshuri batemererwa kuvuga Ikinyarwanda igihe bari ku ishuri bakinira mu busitani bw'ishuri, bafata amafunguro cyangwa se bari mu ishuri bategereje umwarimu.* Nk'uko byemejwe n'ubu bushakashatsi, hari amashuri ashyiraho itegeko rihana umwarimu n'umunyeshuri ugerageza gukoresha Ikinyarwanda uretse umwarimu w'Ikinyarwanda nabwo mu isomo ry'Ikinyarwanda gusa.

Ku byerekeye intego ya gatatu ari yo yari igamije kugaragaza imbogamizi abarimu bigisha Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza, ubu bushakashati bwagaragaje ko kutagira ibitabo byo gusoma, bigora abarimu bigisha Ikinyarwanda cyane cyane iyo abarimu bari kwigisha gusoma umwandiko aho byitwa ko biri naho ntibihagije kubera ko iyo agiye kwigisha gusoma, asaba abanyeshuri bagahuza intebe maze bakarebana. Ibi bigora rero abanyeshuri baba bicaye mu ruhande igitabo kitarimo kuko baba bagisoma gisa n'aho gicuritse. Hagaragajwe kandi ko abarimu bagorwa no kuba hari abanyeshuri bimuka badafite ubushobozi buhagije, kutabona amahugurwa ahagije ku barimu bigisha Ikinyarwanda ni imwe mu nzira zo kubongerera ubumenyi bityo nibabona amahugurwa nzamurabushobozi bizafasha mu kunoza imyigizirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda.

## 5.2 Ibyifuzo n'inama

Ibyavuye muri ubu bushashatsi biremeza ko inzitizi abanyeshuri bahura nazo mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda, mu mashuri mashuri abanza yo mu Rwanda ko gushaka uburyo bwo kuzikumira no kuzikemura byafasha urwego rw'uburezi kugera ku ntego. Byaragaragaye kandi ko uburyo bw'imyigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wagatatu budakorwa kimwe, bigatuma abanyeshuri biga mu mwaka wa gatatu n'ubwo baba bkurikiza intenganya n'imfashanyigisho zimwe, batagira ubumenyi bumwe. Nk'uko byagaragajwe mu mbogamizi abanyeshuri n'abarimu bahura nazo, kubura kw'ibitabo bibangamira abanyeshuri ndetse n'abarimu kuko nta bitabo nta gusoma.

Hari ibyifuzo byatanzwe n'abakeshwamakuru byagiye bigaruka ku cyakorwa kugira ngo ururimi rw'Ikinyarwanda rurusheho gusigasirwa n'abenerurimi (Abanyarwanda). Nk'uko byagaragajwe n'abakeshwamakuru ari na bo bagize uruhare muri ubu bushakashatsi, bagiye bagaruka ku cyakorwa n'inzego zitandukanye mu rwego rwo kubungabunga ururimi rw'Ikinyarwanda:

### 5.2.1 Icyakorwa n'abarimu:

Nk'uko byagaragajwe n'ubu bushakashatsi, abarimu bakwiye gushyira imbaraga ndetse bakongera n'umurava mu gihe k'imyigire n'myigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda hibandwa ku gutoza abanyeshuri kuboneza imisomere ikwiye y'Ikinyarwanda. Abarimu kandi bakwiye kwandika amagambo y'Ikinyarwanda bakayamanika mu mashuri ndetse no mu busitani bw'ishuri aho abanyeshuri bakinira kugira ngo bitoreze gusoma Ikinyarwanda aho bari hose igihe bari ku ishuri.

### 5.2.2 Ibyakorwa n'ibigo by'amashuri:

Dukurikije ibyagaragajwe n'ubu bushakashatsi, twasaba ndetse tukagira inama abayobozi b'amashuri ko bakwiye gushyiraho uburyo bw'imikoreshereze y'indimi zigishwa kandi bakagenzura ko nta rurimi rubangamira urundi mu myigire n'imyigishirize y'indimi. Ikindi ni uko bakwiye kugenzura niba amagambo yandikwa ku nkuta mu mashuri hababahariho n'Ikinyarwanda. Mu gihe bagiye guha abarimu amasomo bazigisha bagendeye ku masaha ari ku ngengabihe, bakwiye kugenzura neza niba abarimu bahawe kwigisha Ikinyarwanda barakize

kandi ko babifitiye bafite ubushobozi bwo kukigisha. Abayobozi kandi bakwiye ku bungabunga ibyumba by'isomero kubabifite ndetse ndetse bagasigasira n'ibikoresho birimo nk'ibitabo n'ibindi byifashishwa mu gusoma. Abadafite ibyumba by'amasomero bakwiye kubishyiraho kugirango abanyeshuri bage babona aho basomera habereye kandi haboneye mu rwego rwo gushyigikira umuco wogusoma Ikinyarwanda.

### 5.2.3 Ibyakorwa n'ababyeyi

Dukurikije amakuru yagaragajwe n'ubu bushakashatsi, tugendeye kandi ku gitekerezo cya (Téllez & Waxman, 2006), aho avuga ko ababyeyi bakwiye gutoza abana babo umuco wo gusoma Ikinyarwanda binyuze mu kubashakira ibitabo byo gusoma mu Kinyarwanda no kubabera intangarugero mu gusoma. Téllez (2006) agaragaza ko ababyeyi bafasha abana gusobanukirwaamagambo, imivugo, inyandiko basoma n'ibindi bibafasha kunoza ubumenyi bwabo mu Kinyarwnda.

Nk'uko byagaragajwe n'ubu bushakashatsi ko hari ababyeyi batererana abana mu myigire yabo aho ababyeyi byuka bajya gushakisha icyatunga umuryango mugihe abana baba batarabyuka, bakaza gutaha basanga abana basinziriye. Abakeshwamakuru twaganiriye bifuje ko ababyeyi bahwiye gufatanya n'abarimu mu gukurikirana imyigire y'abana, bakababafasha kunoza imisomere cyane ko ababyeyi ari bo bamarana n'abana babo igihe kinini kandi ko uburezi butangirira mu muryango. Ikindi ni uko ababyeyi bakwiye kugira uruhare runini mu gukundisha abana babo gusoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

### 5.2.4 Ibyakorwa n'Ikigo gishizwe guteza imbere uburezi mu Rwanda

Dushingiye ku makuru yatanzwe n'abakeshwamakuru twaganiriye, twasaba Ikigo gishinzwe guteza imbere uburezi mu Rwanda gutegura no gutanga ibitabo by'Ikinyarwanda bihagije mu myaka yose y'amashuri yaba aya Leta ndetse n'ayigenga. REB kandi ikwiye gushyiraho uburyo bwo kwigisha gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda hakoreshejwe ikoranabuhanga. Ni ukuvuga ko mu gihe hategurwa ibitabo bikubiyemo imyandiko yo gusoma mu mashuri, hategurwa n'uburyo bw'amajwi n'amashusho y'iyo myandiko bikabikwa hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga. Ikindi twasaba ni uko REB ikwiye gutanga abarimu bo kwigisha Ikinyarwanda babifitiye ubushobozi kandi bize kukigisha. Turatanga inama kandi dusaba REB, gutegura amahugurwa

ahoraho agenewe abarimu bigisha Ikinyarwanda mu byiciro byose Ikinyarwanda kigishwamo. Birakwiye kandi ko hategurwa ibitabo bihagije bigashyikirizwa iibigo by'amashuri kandi hagategurwa amarushanwa yo gusoma Ikinyarwanda mu rwego rwo gushishikariza no gukundisha abana bakiri bato umuco wo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda.

### 5.2.5 Ibayakorwa n'Ikigo k'igihugu gishinzwe ibizamini n'ubugenzuzi bw'amashuri

Nk'uko byagaragajwe n'ubu bushakashatsi, hari ibigo by'amashuri bidafite ibitabo aho usanga mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma abanyeshuri bategа amatwi umwarimu nyamara badatfite ibitabo. Hari kandi n'ibigo bishyiraho ibihano ku banyeshuri bavuga ururimi rw'Ikinyarwanda. Dushingiye kuri izo ngingo hamwe n'izindi mbogamizi ku misomere y'ururimi rw'Ikinyarwanda nk'uko zagaragajwe n'ubu bushakashatsi, turasaba NESA ko mu gihe iri mu igenzura ry'imyigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda, bakwiye kwibanda ku kugenzura niba ishuri rifite integanyanyigiosho n'imfashanyigisho z'Ikinyarwanda zihagije. Ikwiye kandi kugenzura imikoreshereze y'ibitabo byo gusoma by'Ikinyarwanda ndetse ikagenzura niba hari ibihano bihabwa umunyeshuri cyangwa umwarimu uvugaga ururimi rw'Ikinyarwanda ku ishuri.

### 5.2.6 Ibyakorwa na Minisiteri y'Uburezi mu Rwanda

Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko hari ibigo by'amashuri bidafite ibyumbya by'ikoranabuhanga. Turasaba rero Minisiteri y'uburezi kubishyiraho kandi bigashyirwamo ibitabo by'imyandiko y'ikinyarwanda bihagije mu rwego rwo korohereza abasomyi. Hakwiye gushyirwaho ibiganuro mpaka ku banyeshuri hagamije gushafa abanyeshuri kuba inzobere mu kuvugira mu ruhame Minisiteri y'uburezi kandi ikwiye gushyiraho uburyo bunoze kandi buhoraho bw'amarushanwa yo gusoma mu Kinyarwanda mu bigo byose by'amashuri kandi igashyiraho n'ibihemo ku banyeshuri b'indashyikirwa mu gusoma mu rurimi rw'Ikinyarwanda. Minisiteri y'uburezi kandi twayigira inama yo gukora ubukangurambaga ku babyeyi cyane cyane abarerera mu mashuri yigenga asanzwe akurikiza integanyanyigisho y'Ikinyarwanda gushiraho uburyo bwo kunoza gusoma, bakagura ibitabo mfashanyigisho abanyeshuri bazajya bifashisha mu gusoma Ikinyarwanda igihe bari mu rugo.

# INDANGASOKO


1. Balakrishnan, V., Liew, T. K., & Pourgholaminejad, S. (2015). Fun learning with Edooware–A social media enabled tool. *Computers & Education*, *80*, 39-47.
2. Bailey, K. D. (1978). *Methods of social research*. Free Press.
3. Benegusenga, A., Ntawiha, P., Nzabalirwa, W., Buhigiro, J. L., & Bizimana, B. (2024). Effect of Phonological Awareness on the Pupils' Reading Competence in the Lens of Kinyarwanda Early Grade Reading benchmarks: A case of Kirehe and Kicukiro Districts in Rwanda. *African Journal of Empirical Research*, *5*(3), 685-696.
4. Bihira, I. (2022). *Isesengura ry'inshoza ya ntera n'uburyo yigishwa mu mashuri yisumbuye mu rwanda* (Doctoral dissertation, University of Rwanda (College of Education)).
5. Borko, H., & Putnam, R. T. (1996). Learning to teach.
6. Bulega, J. (2020). *Factors Affecting Learning Environment in Public Primary Schools in Tanzania" A case study of Ubungo District* (Doctoral dissertation, The Open University of Tanzania).
7. Bulega, J. (2020). *Factors Affecting Learning Environment in Public Primary Schools in Tanzania" A case study of Ubungo District* (Doctoral dissertation, The Open University of Tanzania).
8. Chang, H. H., & Chen, S. W. (2008). The impact of online store environment cues on purchase intention: Trust and perceived risk as a mediator. *Online information review*, *32*(6), 818-841.
9. Gabarre, C., Gabarre, S., Din, R., Shah, P., & Karim, A. A. (2016). Scaffolding engagement in the immersive t-MALL classroom. *Creative Education*, *7*(02), 349.
10. Çilesiz, Ö., & Özdemir, O. (2023). Development of the Reading Styles Scale and the Identification of Elementary Students' Reading Styles. *Journal of Hasan Ali Yücel Faculty of Education/Hasan Ali Yücel Egitim Fakültesi Dergisi (HAYEF)*, *20*(3).

11. Cunningham, A. E., & Stanovich, K. E. (1998). What reading does for the mind. *American Educator*, 22(1), 8-15

12. Darling-Hammond, L. (2010). *The flat world and education: How America's commitment to equity will determine our future*. Teachers College Press.

13. Elley, W. B. (1992). How in the world do students read? IEA study of reading literacy.

14. Ellis, R. a. (2014). *Exploring language oedagogy through secong language acquisition research.* New York, Routledge.

15. Ehri, L. C., Nunes, S. R., Willows, D. M., Schuster, B. V., Yaghoub-Zadeh, Z., & Shanahan, T. (2001). Phonemic awareness instruction helps children learn to read: Evidence from the National Reading Panel's meta-analysis. *Reading research quarterly*, *36*(3), 250-287.

16. Ehri, L. C. (2001). Learning to read and learning to spell: Two sides of a coin. *Topics in Language Disorders*, *20*(3), 19–36.

17. Gentile, L. M., & McMillan, M. M. (1989). Commentary: Reading style or coping style: A response to Stahl and Carbo.

18. Grellet, F. (1981). *Developing reading skills*. Cambridge university press.

19. Griswold, W., McDonnell, T., & Wright, N. (2005). Reading and the reading class in the twenty-first century. *Annu. Rev. Sociol.*, *31*, 127-141.

20. Heift, T. a. (2012). *Language learning through technology*. London and New York: Routlege.

21. Harmer, J. (2007). *The practice of English language teaching* (4th ed.). Pearson Longman.

22. Johnson, J. L. (2013). *Promoting Positive Self Identity, Health, and Safety in Transgender Children: A Children's Book for Everyone*. Alliant International University.

23. Harris, A., & Goodall, J. (2008). Do parents know they matter? Engaging all parents in learning. *Educational research*, *50*(3), 277-289.

24. Ingabire, G., Koumaglo, H. K., De Souza, C., Dotse, C. K., Anani, K., Kabera, J., & Mukazayire, M. J. (2007). Antimicrobial activity and preliminary phytochemical screening of Turraea heterophylla and Terminalia glaucescens used in Togo ethnomedecine to treat common infections. *Planta medica*, *73*(09), P_215.

**25.** Ivey, G., & Broaddus, K. (2001). “Just plain reading”: A survey of what makes students want to read in middle school classrooms. *Reading research quarterly*, *36*(4), 350-377.

26. Joel, R. M. (2009). Using audio books to improve readng and academic perfomance.

27. Kamalova, L. A., & Koletvinova, N. Y. D. (2016). The Problem of Reading and Reading Culture Improvement of Students-Bachelors of Elementary Education in Modern High Institution. *International Journal of Environmental and Science Education*, *11*(4), 473-484.

28. Krashen, S. (1982, January). Principles and practice in second language acquisition.

29. Krashen, S. D. (2015). Remarks on language acquisition and literacy: Language acquisition and teaching, free reading," Test-prep" and its consequences, the use of the first language, writing, and the great native speaker teacher debate. *Indonesian JELT*, *10*(1), 1-17.

30. Leithwood, K., & Sleegers, P. (2006). Transformational school leadership: Introduction. *School effectiveness and school improvement*, *17*(2), 143-144.

31. Lewit, E. M., & Baker, L. S. (1997). Class size. *The future of children*, 112-121.

32. Littlewood, W. (1981). Communicative language teaching. *Cambridge UP*.

33. Mineduc. (2014). *Amabwiriza agenga imikoreshereze y'Ikinyarwanda.* Kigali: Inteko y'ururimi n'umuco.

34. Mukama, E., & Nkusi, L. (2019). *Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n’Imibanire y’Abantu* (p. 180). African Minds.

35. Nabavi, R., & Bijandi, M. (2012). *Bandura’ s social learning theory y social cognitive learning theory razieh tadayon nabavi.* Theories of Developmental Psychology, January 2012, 24.

36. National Reading Panel (US), National Institute of Child Health, & Human Development (US). (2000). *Teaching children to read: An evidence-based assessment of the scientific research literature on reading and its implications for reading instruction: Reports of the subgroups*. National Institute of Child Health and Human Development, National Institutes of Health.

37. Neuman, S. B., & Celano, D. (2001). Access to print in low-income and middle-income communities: An ecological study of four neighborhoods. *Reading Research Quarterly*, *36*(1), 8-26.

38. Noe, R. A. (2017). *Employee training and development* (7th ed.). McGraw-Hill Education.

39. Niyomugabo, C. (2012). *Kinyafranglais as a newly created "language" in Rwanda*: Will it hamper the promotion of the language of instruction at Kigali Institute of Education? *Rwandan Journal of Education*, 20-29.

40. Niyomugabo, U. V. (2021). Mobile technologies,input hypothesis and second language acquisition in the Rwandan context. *Rwandan Journal of Education*.

41. Nteziyaremye, A. (2023). *Inkurikizi y'imbuga nkoranyambaga ku myandikire y'ikinyarwanda mu makoleji yatoranyijwe mu ishuri rikuru ry'imyuga n'ubumenyingiro mu Rwanda*.

42. Odugu, D. I. (2011). *Education language policy process in multilingual societies: Global visions and local agendas in India, Nigeria and UNESCO* (Doctoral dissertation, Loyola University Chicago).

43. Parcher, J. (1998). The value of debate. *Report of the Philodemic Debate Society, Georgetown University*.

44. Pretorius, E. J., & Klapwijk, N. M. (2016). Reading comprehension in South African schools: Are teachers getting it, and getting it right? *Per Linguam: a Journal of Language Learning= Per Linguam: Tydskrif vir Taalaanleer*, *32*(1), 1-20.

45. Pennyslvania, W. B. (2018). *Itoze gusoma no kwigisha.*

46. Pretorius, E. J., & Klapwijk, N. M. (2016). Reading comprehension in South African schools: Are teachers getting it, and getting it right. *Per Linguam: a Journal of Language Learning= Per Linguam: Tydskrif vir Taalaanleer*, *32*(1), 1-20.

47. Primature. (2015). Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Official Gazette Special n°, pp.1-158

48. Téllez, K., & Waxman, H. C. (2006). Preparing quality educators for English language learners: Research, policies, and practices. Lawrence Erlbaum Associates.

49. Rayner, K., & Reichle, E. D. (2010). Models of the reading process. *Wiley Interdisciplinary Reviews: Cognitive Science*, *1*(6), 787-799.

50. REB. (2019). *Igitabo k'iyigisha ry'Ikinyarwanda*. Rwanda Education Board.

51. Reutzel, D. R., Smith, J. A., & Fawson, P. C. (2005). An evaluation of two approaches for teaching reading comprehension strategies in the primary years using science information texts. *Early Childhood Research Quarterly*, *20*(3), 276-305.

52. Richards, J. C., & Farrell, T. S. C. (2005). *Professional development for language teachers: Strategies for teacher learning*. Cambridge University Press.

53. Ruterana, P., C. (2019). Amahame ngengamyitwarire mu bushakashatsi. Muri Mukama, E. & Nkusi, L. (EDS). Ubushakashatsi mu Bumenyi Nyamuntu n'Imibanire y'Abantu. African Minds, Cape Town, South Africa.

54. Koch, H., & Spörer, N. (2017). Students improve in reading comprehension by learning how to teach reading strategies. An evidence-based approach for teacher education. *Psychology Learning & Teaching*, *16*(2), 197-211.

55. Allan, E. J., Raupp, M., Protik, A. Ndirangu, K. (2018). *Soma umenye impact evaluation.*

56. Robinson, C., & Hogan-Brun, G. (2013). UNESCO and language policy and planning. *The encyclopedia of applied linguistics, London: Blackwell Publishing Ltd*, 1-4.

57. Rurangirwa, S. (2012). Ukwitabwaho guke kw'ikinyarwanda muri politiki nshya y'indimi mu Rwanda. *Journal of Pan African Studies*, *5*(8), 178-190.

58. Sandelowski, M. (2001). Real qualitative researchers do not count: The use of numbers in qualitative research. *Research in nursing & health*, *24*(3), 230-240.

59. Sarica, G. a. (n.d.). *New trends in in 21 st century English learning.*

60. Shaheen, R. (2019, February 29). Creative education. (B. Omodan, Ed.) *Vol 7 (2).*

61. Schneider, T. D. (1997). Information content of individual genetic sequences. *Journal of theoretical biology*, *189*(4), 427-441.

62. Soma Umenye, & Rwanda Education Board (REB). (2019). *Igitabo k'iyigisha ry'Ikinyarwanda*. Rwanda Education Board.

63. Tedla, B. A. (2012). Understanding the importance, impacts and barriers of ICT on teaching and learning in East African countries. *International Journal for e-Learning Security (IJeLS)*, *2*(3/4), 199-207.

64. Smith, A., Peled, M., Poon, C., Stewart, D., & Saewyc, E. (2014). McCreary Centre Society (2015). *We all have a role: Building social capital among youth in care*, 5.

65. UNESCO. (2016). *Global Education Monitoring Report: Creating sustainable futures for all*. Paris: UNESCO.

66. UNESCO. (2003). *Education in a multilingual world: UNESCO education position paper*. Paris: UNESCO.

67. UNESCO. (2021). *Global education monitoring report: Education in a post-COVID world: Nine ideas for public action.* United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization. https://unesdoc.unesco.org/

68. UNESCO. (2017). *Global education monitoring report: Accountability in education—Meeting our commitments*. United Nations Educational, Scientific and Cultural Organization.

69. UNESCO, P. (2003). Education in a multilingual world. *Guidelines in Language and Education*.

70. Usa, C. H. T., & Twu, H. L. (2002). Educational Technology in Taiwan. *Educational Media International*, *39*(2), 153–164. https://doi.org/10.1080/09523980210153444

# IMIGEREKA

## UMUGEREKA WA MBERE: URUTONDE RW'AMUGA YAKORESHEJWE MURI UBU BUSHAKASHATSI

**Abakeshwamakuru -**Research respondents

**Amahuriro afasha abanyeshuri kwidagadura -** Clubs

**Gutura/itura** – Dedication

**Ibyfuzo –**Recommendations

**Ikerekezo nyanshoza –** Conceptual framework

**Ikigero** –Level

**Ikusanyamakuru** – Data Collection

**Imfatashusho ngenga** – Independent variable

**Imfatashusho ngengwa** – Dependent variable

**Imurikamakuru** – findings presentation

**Intuburamashusho -** Project

**Isesenguramakuru** – Data analysis

**Itsinda nkeshwa makuru** – Taget population

**Iyoboramikorere** – Procedures

**Ububonere bw'ubushakashatsi** – Validity

**Uburyo nyamimerere** – Qualitative method

**Ubwemerwe bw'ubushakashatsi** - Reliability

**Uburyo bwo gutoranya itsnda nkeshwamakuru** – Sampling techniques

**Uburyo ubushakashatsi bwakozwe** – Research methodology

**UMUGEREKA WA KABIRI: IBARUWA ISABA IKORWA RY'UBUSHAKASHATSI MU MUJYI WA KIGALI**

UNIVERSITY of RWANDA

**COLLEGE OF EDUCATION**

**RESEARCH AND INNOVATION UNIT**

Rukara, 19th June 2024
Ref: DRI-CE/022(b)/EN/gi/2024

**The Mayor**
**Kigali-City**
**Rwanda**

**Re: A Research recommendation letter for Mr Theogene SEKARAMA (Reg No: 217084311)**

I am pleased to introduce **Mr Theogene Sekarama:** our student enrolled in the Master of Education in Kinyarwanda Education at the School of Education of UR-CE. He is conducting research entitled: **"Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza: Urugero rw'Akarere ka Gasabo."** His research will involve students and teachers of Kinyarwanda as core subject from GS Kabuga Catholic, Hope Haven School, Kibagabaga Primary School and Morning Star Christian Academy in Gasabo district, Kigali City.

Thus, we kindly request his permission to collect data from the identified secondary schools of Gasabo district.

Your support to him in conducting this study is highly appreciated.

COLLEGE OF EDUCATION · UNIVERSITY of RWANDA · RESEARCH AND INNOVATION UNIT

**Assoc. Prof. Eugene NDABAGA**
Director of Research and Innovation
University of Rwanda-College of Education
E-mail: ndabagay@yahoo.ie
Mobile: +250788308862

**Cc:**

- Principal, UR-CE
- Dean, School of Education
- Dr Innocent Twagilimana (Supervisor)

EMAIL: dri.ce@ur.ac.rw P.O. Box: 55 Rwamagana WEBSITE: www.ur.ac.rw

**IBARUWA YEMERERA UMUSHAKASHATSI GUKORERA UBUSHAKASHATSI MU MUJYI WA KIGALI**

Republic of Rwanda
City of Kigali

Ref. №.11297../07.01.16/24

Kigali, Kuwa ,.....27 JUN 2024........

**Bwana SEKARAMA Theogene**
**University of Rwanda**
**Tel : + 250 788287704**
**Email : sekarama.theogene@gmail.com**

Bwana,

**Impamvu :** Igisubizo cy'ibaruwa yawe

Mpereye ku ibaruwa yawe wandikiye Umujyi wa Kigali ku itariki ya 20/06/2024 usaba uburenganzira bwo gukusanya amakuru y'ubushakashatsi mu Karere ka Gasabo mu Mujyi wa Kigali ku***"Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza : Urugero rw'Akarere ka Gasabo";***

Nkwandikiye nkumenyasha ko ubusabe bwawe bwemewe. Icyakora, mbere yogutangira gukusanya amakuru y'ubushakashatsi bwawe, usabwe kugera k'Ubuyobozi bw'**Akarere ka Gasabo** kugira ngo ubugaragarize ibyo wifuza gukoraho muri ubwo bushakashatsi.

Murakoze,

UMUJYI WA KIGALI

**ABIYINGOMA Gerard**
**Umuyobozi Mukuru w'Imirimo Rusange**

**Bimenyeshejwe:**

-Umuyobozi Mukuru w'Ibikorwa by'Umujyi wa Kigali;
- Umuyobozi Nshingwabikorwa w'Akarere ka Gasabo

**KIGALI**

City of Kigali, P.O.Box 3527 Kigali, Hotline 3260, Email: info@kigalicity.gov.rw, Wbsite: www.kigalicity.gov.rw

## Umugereka wa kane: gutanga amakuru agenewe ubushakashatsi ku bushake

## Igice cya mbere: urupapuro rw'amakuru aneneweumuangamakuru

Itariki: ………………….

Bwana/ Madamu, ………………….

Nitwa SEKARAMA Theogene, ndi umunyeshuri muri Kaminuza y'u Rwanda, Ishami ry'Uburezi. Niga mu Kiciro cya Gatatu cya Kaminuza (Master) mu
Iyigayigisha, nkaba niga Ikinyarwanda n'Uburezi, nkaba rero ndi gukora ubushakashatsi bwiswe: "**Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w' ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza: Urugero rw'Akarere ka Gasabo".**

Uri umwe mu batoranyijwe mu batangamakuru kuri ubu bushakashatsi. Ni ku bw'iyo mpamvu, ngusaba kugira uruhare mu gusubiza ibibazo biri ku mugereka w'uru rwandiko. Intego y'ubu bushakashatsi ni ukugaragaza imbogamizi zigaragara mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda n'uburyo bukwiye bwakwifashishwa mukunoza imisomere iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

Ngusabye kandi kugira uruhare mu gusubiza ibibazo bibazwa mu buryo bw'ikiganiro bijyanye n'ubu bushkashatsi. Nta gisubizo kiri cyo cyangwa kitari cyo ku kibazo icyo ari cyo cyose. Ugerageze gusubiza uko ubibona kandi biri. Ibisubizo byawe bizahora ari ibanga kandi ntawe tuzabisangiza ku mpamvu iyo ari yo yose.
Ibizava muri ubu bushakashatsi ntibizigera bigaragaza izinda ry'uwatanze amakuru.

Niba wemeye kuzuza iyi nyandiko iri munsi, wemeye no kugira uruhare muri ubu bushakashatsi. Wemerewe kwisubiraho ku ruhare rwawe muri ubu bushakashatsi igihe icyo ari cyo cyose, kabone n'ubwo waba wamaze kwemera gutanga amakuru, nta gihano giteganyijwe. Niba wemeye kugira uruhare muri ubu bushakashatsi, shyira umukono kuri iyi nyandiko igenewe utanga amakuru y'ubushakashatsi ku bushake. Ndagushimira kwemera kugira uruhare muri ubu bushakashatsi.

Ugire amahoro!

## Igice cya kabiri: Inyandiko igenewe utanga amakuru y'ubushakashatsi ku bushake

Jyewe, ………………………………………………………………………., ndemeza ko namenyeshejwe n'umushakashats, **SEKARAMA Theogene** ibyerekeye imiterere n'intego by'ubushakashatsi bwe bwiswe: "**Imbogamizi mu myigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda mu mwaka wa gatatu w'ikiciro cya mbere cy'amashuri abanza".** Nakiriye, nsoma kandi nsobanukirwa amakuru yatanzwe n'umushakashatsi ajyanye n'inyigo ye. Nagize umwanya uhagije wo kubaza ibibazo ndetse no gusaba ibisobanuro kuri ubu bushakashatsi. Nzi neza ko amakuru yose natanze azagirwa ibanga kandi nta hantu amazina yange azagaragazwa muri ubu bushakashatsi ndetse no muri raporo yabwo ya nyuma. Nasobanukiwe kandi ko nshobora, igihe icyo ari cyo cyose, kwisubiraho ku kugira uruhare muri ubu bushakashatsi, nta ngaruka byangiraho haba none cyangwa mu bihe bizaza.

Nkaba rero ntangaje ko nemeye ku bushake kugira uruhare muri ubu bushakashatsi, nkaba niyumvisha kandi nizeye neza ko amakuru nzabutangamo azagirwa ibanga.

Umukono:

Itariki:

**UMUGEREKA WA GATANU: IBIBAZO BY'UBUSHAKASHATSI BIGENEWE ABARIMU**

**Ibibazo tuzaganiriza abarimu bigisha Ikinyarwanda mu iganirabaza (Interview)**

1.Ugendeye ku myandiko yo mu Kinyarwanda abanyeshuri basoma mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma mu Kinyarwanda wumva banoza imisomere, bubahiriza utwatuzo, badategwa kandi batitiranya amagambo?

2.Ni izihe nzitizi abanyeshuri bahura na zo iyo basoma Ikinyarwaanda? Ese mubona byakemuka bite?

3.Ese haba hari ingaruka ziterwa n'imisomere itanoze y'abanyeshuri ku myigire yabo?

4. Ni ubuhe buryo mukoresha mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda? Ese mubona ubwo buryo bukoreshwa bukwiye?

5. Ikoranabuhanga rirakoreshwa mu kwiga indimi nk'Icyongereza n'izindi. Ese ntiryanakoreshwa no mu kwiga no kwigisha Ikinyarwaanda cyane cyane mu gutoza abanyeshuri kunoza imisomere?

6.Ni iki cyakorwa  mu rwego rwo kuzazamura ireme ry'imisoere y'ururimi ry'Ikinyarwanda?

6. Ibikoresho byifashishwa mu myigire n'imyigishirize yo gusoma Ikinyarwanda mubona bihagije?

7. Ese wumva ubona hari umwanya ikoranabuhanga rihabwa mu myigire n'imyigishirize y'ururimi rw'Ikinyarwanda? Niba rikoreshwa rikoreshwa rite?

8. Ni akahe kamaro ko kuba umuntu ashobora gusoma neza Ikinyarwanda?

**UMUGEREKA WA KARINDWI: IBIBAZO BYABAJIJWE ABAYOBOZI BASHINZWE AMASOMO MU BIGO TWAKOREYEHO UBUSHAKASHATSI.**

1. Ese mubona ari ubuhe buryo bukwiye bwo kwigisha gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda?

2. Iyo musuye abarimu mu ishuri mubona abanyeshuri basoma kinyarwanda uko bikwiye?

3. Ni zihe mbogamizi mubona abarimu bahura nazo iyo bari kwigisha gusoma Ikinyarwaanda?

4. Ni izihe ngamba nk'ubuyobozi mushyiraho kugira ngo mwimakaze imisomere inoze kandi iboneye y'ururimi rw'Ikinyarwanda?


5. Ese abanyeshuri baba bemerewe kuvuga Ikinyarwanda mu busitani bw'ikigo, mu nkengero z'ikigo n'igihe bagitegereje umwarimu mu ishuri?

6. Hari ibIbazo abarimu bo mu mwaka wa gatatu bagira mu gihe k'imyigire n'imyigishirize yo gusoma?

**UMUGEREKA WA KENDA: AMASHUSHO N'INYANDIKO BIMANIKWA MU BYUMBA BY'AMASHURI MU NDIMI NK'ICYONGEREZA N'IGIFARANSA HIRENGAGIJWE IKINYARWANDA**




*Tugendeye kuri iki gishushanyo kimanitse muri rimwe mu mashuri twakoreyeho ubushakashatsi nk'uko kigaragaza uko imibare isomwa mu rurimi rw'Icyongereza, twasaba abarimu ko bajya bandika mu dukubo (……) uko byandikwa mu Kinyarwanda, mu rwego rwo gufasha abanyeshuri kumenya gusoma iyo mibare mu Kinyarwanda.*




*Nk'uko bigaragarira kuri iki gishushanyo, abarimu bakwiye gushyiraho uburyo abana babona ibyo basoma mu Kinyarwanda n'aho basomera hahagije nk'uko bikorwa mu zindi ndimi. Aya mashusho kandi birakwiye ko handikwaho Ikinyarwanda mu rwgo rwo kwimakaza no kunoza umuco wo gusoma ururimi rw'Ikinyarwanda by'umwihariko rukaba kavukire ku Banyarwanda bavukira mu Rwanda.*